RGB
Rwanda Governance Board

ISSN : 2307-2431



# Ishusho y'uko Abaturage babona Imiyoborere n'Imitangire ya Serivisi mu Nzego zibegereye

## Citizen Report Card (CRC) 2016

USENGUMUKIZA Félicien
NSHUTIRAGUMA Espérance

Nzeri, 2016

ISSN: 2307-2431

# Ishusho y'uko Abaturage babona Imiyoborere n'Imitangire ya Serivisi mu Nzego zibegereye

Nzeri, 2016

Rwanda Governance Board (RGB)

Zigama CSS Plaza, Remera

P.O.Box 6819 Kigali-Rwanda

Tel: (+250)255112023

*www.rgb.rw*

*info@rgb.rw*


*: @GovernanceRw*

*: Rwanda Governance Board*

© *Rwanda Governance Board*

Nzeri, 2016

ISSN: 2307-2431




*Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016*

## ISHUSHO RUSANGE Y'IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI

| N◦ | Ibipimo | CRC 2016 |
|---|---|---|
| 1 | Uburezi | 73.2% |
| 2 | Ubuhinzi | 48.4% |
| 3 | Ubworozi | 54.2% |
| 4 | Serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze | 75.9% |
| 5 | Ubutabera | 62.7% |
| 6 | Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi | 89.1% |
| 7 | Ubuzima | 74.9% |
| 8 | Isuku n'isukura | 58.6% |
| 9 | Imibereho myiza y'abaturage | 61.2% |
| 10 | Ibikorwaremezo | 53.1% |
| 11 | Ubutaka | 67.3% |
| 12 | Umutekano | 90.0% |
| 13 | Umudendezo w'abaturage n'ibibazo by'ihohoterwa | 80.7% |
| 14 | Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa | 58.9% |
| | **IMPUZANDENGO** | **67.7%** |

## IBIRIMO


**URUTONDE RW'AMASHUSHO** ..... IX

**URUTONDE RW'AMAKARITA** ..... XII

**IRIBURIRO** ..... 1

**I. INTANGIRIRO** ..... **3**

1.1. Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imiyoborere (RGB) ..... 3

1.2. Ikigamijwe muri ubu bushakashatsi ..... 3

1.3. Uburyo bwakoreshejwe ..... 3

1.4. Abakoze ubushakashatsi ..... 8

**II. IBIRANGA ABAKOREWEHO UBUSHAKASHATSI** ..... **9**

**III. SERIVISI ZIBANZWEHO MU BUSHAKASHATSI** ..... **14**

**1. SERIVISI Z'UBUREZI** ..... **14**

1.1. Ibyavuye mu bushakashatsi ku burezi muri rusange ..... 14

1.2. Ibyavuye mu bushakashatsi ku burezi hakurikijwe Intara ..... 15

1.3. Serivisi zitandukanye zakorereweho ubushakashatsi mu burezi ..... 16

1.4. Kwegereza abaturage ibikorwaremezo by'amashuri ..... 16

1.5. Urugendo abana bakora ngo bagere ku ishuri ..... 19

1.6. Ibikwiye kwitabwaho mu burezi ..... 20

**2. SERIVISI Z'UBUHINZI N'UBWOROZI** ..... **21**

2.1. Ibyavuye mu bushakashatsi byerekeye serivisi z'ubuhinzi ..... 21

2.2. Uko abaturage bishimiye sirivisi zitandukanye z'ubuhinzi ..... 21

2.3. Ibyavuye mu bushakashatsi byerekeye serivisi z'ubworozi ..... 28

2.4. Uko abaturage bishimiye serivisi zitandukanye z'ubworozi ..... 29

2.5. Ibikwiye kwitabwaho mu buhinzi n'ubworozi ..... 33

**3. SERIVISI ZITANGWA N'INZEGO Z'IBANZE** ..... **34**

3.1. Ibyavuye mu bushakashatsi ku nzego z'ibanze muri rusange ..... 34

3.2. Ibyavuye mu bushakashatsi ku nzego hakurikijwe intara ..... 34

3.3. Serivisi zitandukanye zitangwa n'inzego z'ibanze ..... 35

3.4. Uko abaturage babona akarengane, ruswa n'ikimenyane mu nzego z'ibanze ..... 36

3.5. Uko abaturage bazi urwego rwa njyanama ........ 37
3.6. Ibikwiye kwitabwaho muri serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze ........ 38
**4. SERIVISI Z'UBUTABERA ........ 39**
4.1. Ibyavuye mu bushakashatsi ku butabera muri rusange ........ 39
4.2. Ibyavuye mu bushakashatsi ku butabera hakurikijwe Intara ........ 40
4.3. Serivisi z'ubutabera zitandukanye zakoreweho ubushakashatsi ........ 40
4.4. Abaturage bahuye na ruswa, ikimenyane n'akarengane mu mezi cumi n'abiri ashize ..... 41
4.5. Abaturage bazi urwego rwa MAJ n'abunzi ........ 42
4.6. Uko abaturage babona ruswa, ikimenyane n'akarengane muri zimwe mu nzego za Leta 46
4.7. Ibikwiye kwitabwaho muri serivisi z'ubutabera ........ 47
**5. SERIVISI Z'UBUZIMA ........ 48**
5.1. Ibyavuye mu bushakashatsi ku buzima muri rusange ........ 48
5.2. Ibyavuye mu bushakashatsi ku buzima hakurikijwe intara. ........ 49
5.3. Serivisi z'ubuzima zitandukanye zakoreweho ubushakashatsi ........ 49
5.4. Uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa ku mavuriro ........ 50
5.5. Kwegereza abaturage amavuriro ........ 51
5.6. Ibikwiye kwitabwaho muri serivisi z'ubuzima ........ 52
**6. SERIVISI Z'ISUKU N'ISUKURA ........ 53**
6.1. Ibyavuye mu bushakashatsi ku isuku n'isukura muri rusange ........ 53
6.2. Ibyavuye mu bushakashatsi ku isuku n'isukura hakurikijwe intara ........ 53
6.3. Serivisi z'isuku zitandukanye zakoreweho ubushakashatsi ........ 54
6.4. Indwara abaturage babona ziganje aho batuye ........ 55
6.5. Uko abaturage babona ubwiganze bwa malariya aho batuye ........ 56
6.6. Ibikwiye kwitabwaho mu birebana n'isuku n'isukura ........ 57
**7. SERIVISI Z'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE ........ 58**
7.1. Ibyavuye mu bushakashatsi ku mibereho myiza y'abaturage muri rusange ........ 58
7.2. Ibyavuye mu bushakashatsi ku mibereho myiza y'abaturage hakurikijwe intara ........ 59
7.3. Serivisi zinyuranye zakorereweho ubushakashatsi mu mibereho myiza y'abaturage ....... 59
7.4. Impamvu serivisi z'imibereho myiza y'abaturage zitagenda neza ........ 60
7.5. Uko abaturage babona ibibazo biri muri gahunda ya girinka ........ 62

7.6. Ibikwiye kwitabwaho muri gahunda y'imibereho myiza ... 64
**8. SERIVISI Z'IBIKORWAREMEZO ... 65**
8.1. Ibyavuye mu bushakashatsi ku bikorwa remezo muri rusange. ... 65
8.2. Ibyavuye mu bushakashatsi ku bikorwa remezo hakurikijwe intara. ... 66
8.3. Serivisi zakoreweho ubushakashatsi mu bikorwaremezo ... 66
8.4. Kwegereza abaturage amazi n'amashanyarazi ... 67
8.5. Kwegereza abaturage imihanda ... 69
8.6. Kwegereza abaturage itumanaho n'ikoranabuhanga ... 70
8.7. Ibyakwitabwaho mu bikorwaremezo ... 70
**9. SERIVISI Z'UBUTAKA ... 71**
9.1. Ibyavuye mu bushakashatsi kuri serivisi z'ubutaka muri rusange ... 71
9.2. Ibyavuye mu bushakashatsi kuri serivisi z'ubutaka hakurikijwe intara ... 71
9.3. Serivisi z'ubutaka zakoreweho ubushakashatsi ... 72
9.4. Ibyakwitabwaho muri serivisi z'ubutaka ... 73
**10. IYUBAHIRIZWA RY'AMAHAME Y'IMIYOBORERE N'ICYIZERE KU NZEGO Z'UBUYOBOZI ... 74**
10.1. Ibyavuye mu bushakashatsi ku iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego muri rusange ... 74
10.2. Ibyavuye mu bushakashatsi ku iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere hakurikijwe intara. ... 75
10.3. Uko abaturage babona iyubahirizwa ry'amwe mu mahame y'imiyoborere ... 75
10.4. Uko abaturage bishimiye gahunda ya"Ndi Umunyarwanda". ... 76
10.5. Imikorere y'inzego za Leta mu guteza imbere imibanire y'abanyarwanda ... 77
10.6. Uko abaturage bishimiye uburyo babona amakuru n'aho bayakura ... 78
10.7. Ibikwiye kwitabwaho muri gahunda y'imiyoborere myiza n'imibanire y'abanyarwanda ... 78
**11. SERIVISI Z'UMUTEKANO ... 79**
11.1. Ibyavuye mu bushakashatsi ku mutekano muri rusange ... 79
11.2. Ibyavuye mu bushakashatsi ku mutekano hakurikijwe intara ... 79
11.3. Icyizere abaturage bafitiye inzego z'umutekano ... 80
11.4. Uko abaturage babona umutekano rusange ... 81

11.5. Ibikorwa by'ingabo z'igihugu mu cyumweru cyahariwe ingabo................................ 81

11.6. Ibikwiye kwitabwaho muri serivisi z'umutekano ...................................................... 82

**12. UMUDENDEZO W'ABATURAGE N'IBIBAZO BY'IHOHOTERWA ........................................ 83**

12.1. Ibyavuye mu bushakashatsi ku mudendezo w'abaturage n'ibibazo by'ihohoterwa muri rusange ........................................................................................................... 83

12.2. Ibyavuye mu bushakashatsi ku mudendezo w'abaturage n'ibibazo by'ihohoterwa hakurikijwe intara ............................................................................................... 84

12.3. Uko abaturage babona ibibazo bihungabanya umudendezo wabo ........................... 84

12.4. Ubwiganze bw'ibibazo by'ihohoterwa bitandukanye ............................................... 85

12.5. Ibikwiye kwitabwaho ............................................................................................... 86

**13. URUHARE ABATURAGE BAGIRA MU BIBAKORERWA .................................................... 87**

13.1. Ibyavuye mu bushakashatsi ku ruhare rw'abaturage mu bibakorerwa muri rusange 87

13.2. Ibyavuye mu bushakashatsi ku ruhare rw'abaturage mu bibakorerwa hakurikijwe igitsina ................................................................................................................ 87

13.3. Ibyavuye mu bushakashatsi ku ruhare rw'abaturage mu bibakorerwa hakurikijwe intara .................................................................................................................. 88

13.4. Ibikwiye kwitabwaho ku ruhare rw'abaturage mu bibakorerwa .............................. 96

**UMWANZURO ...................................................................................................................97**

## URUTONDE RW'AMASHUSHO

Ishusho 1: Ababajijwe mu bushakashatsi hakurikijwe irangamimerere ........ 11

Ishusho 2: Ababajijwe mu bushakashatsi hakurikijwe amashuri bize ........ 11

Ishusho 3: Ababajijwe mu bushakashatsi hakurikijwe idini ........ 12

Ishusho 4: Ababajijwe mu bushakashatsi hakurikijwe umurimo ........ 12

Ishusho 5: Ababajijwe mu bushakashatsi hakurikijwe ibyiciro by'ubudehe barimo ........ 13

Ishusho 6: Ababajijwe mu bushakashatsi hakurikijwe amafaranga binjiza ku munsi ........ 13

Ishusho 7: Uko abaturage bishimiye serivisi z'uburezi hakurikijwe Intara ........ 15

Ishusho 8: Uko abaturage bishimiye serivisi zitandukanye z'uburezi ........ 16

Ishusho 9: Ahari amashuri y'incuke ........ 17

Ishusho 10: Icyumba cy'umukobwa ku ishuri ........ 18

Ishusho 11: Inyubako z'amashuri zubatse ku buryo bworohereza abafite ubumuga ........ 18

Ishusho 12: Urugendo abana bakora ngo bagere ku ishuri ........ 19

Ishusho 13: Uko abaturage bishimiye serivisi zitandukanye z'ubuhinzi ........ 22

Ishusho 14: Uko abaturage bishimiye serivisi zitandukanye z'ubworozi ........ 30

Ishusho 15: Uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa n'inzego z'ibanze ........ 35

Ishusho 16: Uko abaturage bishimiye serivisi zitandukanye bahabwa n'inzego z'ibanze ........ 35

Ishusho 17: Ikimenyane, ruswa n'akarengane mu nzego z'ibanze ........ 36

Ishusho 18: Ubumenyi kuri Njyanama ........ 37

Ishusho 19: Uko abaturage bishimiye imikorere ya Njyanama ........ 38

Ishusho 20: Uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa mu butabera hakurikijwe Intara ........ 40

Ishusho 21: Uko bishimiye serivisi z'ubutabera zitandukanye zakoreweho ubushakashatsi ........ 41

Ishusho 22: Abaturage bahuye na ruswa, ikimenyane n'akarengane mu mezi cumi n'abiri ashize ........ 42

Ishusho 23: Abaturage bazi urwego rwa MAJ n'abunzi ........ 42

Ishusho 24: Uko abaturage babona imikorere y'abunzi ........ 43

Ishusho 25: Ibibazo abunzi bahura nabyo ........ 44

Ishusho 26: Uko abaturage babona imikorere ya MAJ ............................................................ 44

Ishusho 27: Uko abaturage babona akamaro k'urwego rwa MAJ .............................................. 45

Ishusho 28: Ibibazo urwego rwa MAJ ruhura nabyo mu mikorere.............................................. 46

Ishusho 29: Ruswa, ikimenyane n'akarengane muri zimwe mu  nzego za Leta ........................... 46

Ishusho 30: Uko abaturage bishimiye serivisi z'ubuzima hakurikijwe intara................................ 49

Ishusho 31: Uko abaturage bishimiye serivisi z'ibikorwaremezo zitandukanye zakore weho ubushakashatsi ................................................................................................ 50

Ishusho 32:Uko abaturage bishimiye serivisi z'ubuzima bahabwa ku bitaro, ibigo nderabuzima n'ivuriro............................................................................................ 51

Ishusho 33: Intera iri hagati y'ivuriro n'aho abaturage batuye.................................................. 51

Ishusho 34:Uko abaturage bishimiye serivisi z'isuku n'isukura hakurikijwe Intara ..................... 54

Ishusho 35: Uko abaturage babona isuku y'ahantu hatandukanye ............................................ 54

Ishusho 36: Ibyo abaturage babona bitera isuku nke ............................................................... 55

Ishusho 37: Indwara abaturage babona ziganje aho batuye ..................................................... 55

Ishusho 38: Uko abaturage babona ubwiganze bwa malariya aho batuye hakurikijwe akarere ......................................................................................................................... 56

Ishusho 39: Ibyo abaturage babona bigitera ubwiyongere bwa malariya.................................. 57

Ishusho 40: Uko abaturage bishimiye serivisi zo kwita ku mibereho myiza y'abaturage hakurikijwe Intara .................................................................................................. 59

Ishusho 41:  Serivisi zinyuranye zakorereweho ubushakashatsi mu mibereho myiza y'abaturage ...................................................................................................... 60

Ishusho 42: Impamvu serivisi z'imibereho myiza y'abaturage zitagenda neza............................ 61

Ishusho 43: Uko abaturage babona ibibazo biri muri gahunda ya Girinka ................................. 63

Ishusho 44: Uko abaturage bishimiye ibikorwaremezo hakurikijwe Intara ................................ 66

Ishusho 45: Uko abaturage bishimiye serivisi zinyuranye bahabwa mu bikorwaremezo ......................................................................................................................... 67

Ishusho 46: Kuba bafite amazi meza n'aho bayakura ................................................................ 68

Ishusho 47: Urugendo bakora ngo bagere ku ivomo.................................................................. 68

Ishusho 48: Abaturage bafite amashanyarazi n'aho bayafatira ................................................. 69

Ishusho 49: Uko abaturage bishimiye imiterere y'imihanda ........ 69
Ishusho 50: Haba hari ibikorwaremezo by'itumanaho n'ikoranabuhanga ........ 70
Ishusho 51: Uko abaturage bishimiye serivisi z'ubutaka bahabwa hakurikijwe Intara ........ 72
Ishusho 52: Uko abaturage bishimiye serivisi z'ubutaka zinyuranye zakoreweho ubushakashatsi ........ 72
Ishusho 53: Uko abaturage babona imiyoborere muri rusange ........ 74
Ishusho 54: Uko abaturage bishimiye iyubahirizwa ry'mahame y'imiyoborere hakurikijwe intara ........ 75
Ishusho 55: Uko abaturage bishimiye iyubahirizwa ry'amwe mu mahame y'imiyoborere ........ 76
Ishusho 56: Uko abaturage bishimiye gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" ........ 76
Ishusho 57: Uko abaturage bashima imikorere y'inzego mu mibanire y'abanyarwanda ........ 77
Ishusho 58: Uko abaturage bishimiye uburyo babona amakuru n'aho bayakura ........ 78
Ishusho 59: Uko abaturage bishimiye serivisi z'umutekano muri rusange ........ 79
Ishusho 60: Uko abaturage bishimiye serivisi z'umutekano hakurikijwe intara ........ 80
Ishusho 61: Icyizere abaturage bafitiye inzego z'umutekano ........ 80
Ishusho 62: Uko abaturage babona umutekano rusange ........ 81
Ishusho 63: Ibikorwa by'ingabo z'igihugu mu cyumweru cyahariwe ingabo ........ 82
Ishusho 64: Uko abaturage bishimiye umudendezo no kurwanya ihohoterwa hakuriki jwe intara ........ 84
Ishusho 65: Uko abaturage babona ibibazo bihungabanya umudendezo wabo ........ 85
Ishusho 66: Uko abaturage babona ibikorwa bijyanye n'ihohoterwa ........ 85
Ishusho 67: Uko abaturage bishimira uruhare bagira hakurikijwe igitsina ........ 88
Ishusho 68: Uko abaturage bishimiye uruhare bagira mu bibakorerwa hakurikijwe Intara ........ 88

## URUTONDE RW'AMAKARITA


Ikarita 1: Imidugudu yakorewemo ubushakashatsi ........ 6
Ikarita 2: Uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa mu burezi muri rusange ........ 14
Ikarita 3: Uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa mu buhinzi ........ 21
Ikarita 4: Uko abaturage bishimiye serivisi za agoronome ........ 23
Ikarita 5: Uko abaturage bishimiye gukoresha amafumbire n'inyongeramusaruro ........ 24
Ikarita 6: Uko abaturage bishimiye guhinga igihingwa cyatoranijwe ........ 25
Ikarita 7: Uko abaturage bashima kubabonera imbuto ku gihe ........ 26
Ikarita 8: Uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa mu gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi ........ 27
Ikarita 9: Uko abaturage bishimiye kubona isoko ry'umusaruro ........ 28
Ikarita 10: Uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa mu bworozi ........ 29
Ikarita 11: Uko abaturage bishimiye serivisi za veterineri ........ 31
Ikarita 12: Uko abaturage bishimiye serivisi zo gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku bworozi ........ 32
Ikarita 13: Uko abaturage bishimiye isoko ry'amata ........ 33
Ikarita 14: Uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa n'inzego z'ibanze ........ 34
Ikarita 15: Uko abaturage bishimiye imitangire ya serivisi mu butabera muri rusange ........ 39
Ikarita 16: Uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa mu buzima ........ 48
Ikarita 17: Uko abaturage bishimiye serivisi z'isuku n'isukura ........ 53
Ikarita 18: Uko abaturage bishimiye serivisi zo kwita ku mibereho myiza y'abaturage ........ 58
Ikarita 19: Uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa mu bikorwa remezo muri rusange. ........ 65
Ikarita 20: Uko abaturage bishimiye imitangire ya serivisi mu butaka ........ 71
Ikarita 21: Uko abaturage babona umudendezo wabo n'ibibazo by'ihohoterwa muri rusange ........ 83
Ikarita 22: Uko abaturage bishimiye uruhare bagira mu bibakorerwa muri rusange ........ 87
Ikarita 23: Uko abaturage bishimiye uruhare bagira mu itegurwa ry'igenamigambi ry'ibikorwa by'akarere ........ 89
Ikarita 24: Uko abaturage bagira uruhare mu gutegura ingengo y'imari y'Akarere ........ 90
Ikarita 25: Uko abaturage bagira uruhare mu gutegura imihigo y'Akarere ........ 91
Ikarita 26: Uko abaturage bagira uruhare mu gusaba abayobozi kubagaragariza ibibakorerwa ........ 92
Ikarita 27: Uko abaturage bagira uruhare mu gushyira abaturage mu byiciro by'ubudehe ........ 93
Ikarita 28: Uko abaturage bagira uruhare mu guhitamo abagenerwabikorwa ba VUP ........ 94
Ikarita 29: Uko abaturage bagira uruhare mu guhitamo abagenerwabikorwa ba Girinka ........ 95
Ikarita 30: Uko abaturage bagira uruhare mu kubakira abatishoboye ........ 96

# IRIBURIRO

Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC) ni ubushakashatsi ngarukamwaka bwa RGB. Iyi ni inshuro ya gatanu ibutangaza. CRC ni igipimo gishimangira ihame twahisemo nk'igihugu ryo guteza imbere imiyoborere ishingiye ku muturage kandi imuteza imbere. CRC itanga icyegeranyo cyerekana uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa n'inzego zibegereye ndetse n'uruhare bagira mu bibakorerwa.

Iri suzuma ryakozwe kuri serivisi 13 zinyuranye zifata ku nkingi zose enye za Guverinoma. Izo servisi ni izi zikurikira: uburezi, ubuhinzi n'ubworozi, serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze, ubutabera, iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere, uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa, ubuzima, isuku n'isukura, imibereho myiza y'abaturage, ibikorwaremezo, ubutaka, umudendezo n'ibibazo by'ihohoterwa, n' umutekano. Ubu bushakashatsi bwakorewe mu ngo zisaga ibihumbi cumi na kimwe (11,011) mu midugudu 734, imirenge 328 iri mu turere twose uko ari 30. Mu baturage babajijwe bose, 57% ni abagore naho 43% ni abagabo.

Impuzandengo y'uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa n'inzego zitandukanye zibegereye ni 67.7% muri uyu mwaka. Hari ibyo abaturage bashima cyane, ariko hari n'ibyo banenga, cyangwa basanga byarasubiye inyuma. Mu byo bishimiye harimo nk'umutekano n'iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere. Naho mu byo abaturage bagaragaza ko hakeneye impinduka zifatika kugira ngo banyurwe, ni nk'ubuhinzi n'ubworozi, isuku n'isukura ndetse n'ishyirwa mu bikorwa rya zimwe muri gahunda zo kwishakamo ibisubizo zizamura imibereho yabo. Ibikorwaremezo byo bifite umwihariko. N'ubwo abaturage bagaragaza ko bikiri hasi, ni nacyo cyiciro bagaragaza ko cyazamutse cyane kurusha ibindi muri iyi myaka ibiri ishize, kuko cyazamutseho 41%: cyari cyishimiwe na 37.7% muri 2013/2014, ubu ababyishimiye ni 53%.

Ibyavuye muri iri suzuma bikubiyemo inama zatuma turushaho gukora neza nk'igihugu, tukihuta mu iterambere ribereye abaturage bacu. RGB irasaba inzego zigaragaza gukora neza, gukomeza umurego. Irasaba kandi inzego abaturage bagaragaza ko zifite intege nke mu mikorere na serivisi zitabanogeye kwifashisha ibyagaragajwe na CRC kugira ngo bahe abaturage serivisi nziza, banyurwe na gahunda zibagenewe, twihute mu iterambere nk'Igihugu.

RGB iboneyeho umwanya wo gushimira abagize uruhare bose mu ikorwa ry'ubu bushakashatsi bwa CRC, baba abashakashatsi bayo ndetse n'izindi nzobere yifashishije. By'umwihariko irashimira cyane abaturage baduhaye amakuru, bakadushimira ibyiza ndetse bakanatugaragariza ibikeneye kunozwa. Mwese uruhare rwanyu muri uyu murimo, ni umusanzu ukomeye mu kunoza imikorere ngo dukataze mu iterambere nk'igihugu.

Mucyo twese twimakaze imiyoborere myiza, twiyubakire igihugu!

**Prof. SHYAKA Anastase**

**CEO**

# I. INTANGIRIRO

## 1.1. Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imiyoborere (RGB)

Imiyoborere myiza mu Rwanda yumvikana nk'igikorwa abayobozi bahuriraho n'abayoborwa bashyira hamwe ibibahuza byaba ibya politike, ubukungu cyangwa imiyoborere nyirizina, aho abayoborwa babona uburenganzira bwabo kandi bagakora ibyo basabwa.

Ikigo cy'Igihugu gishinze Imiyoborere (RGB) cyashyizweho kugira ngo gikurikirane ishyirwa mu bikorwa ry'imiyoborere myiza. Cyashyizweho n'itegeko No 41/2011 ryo kuwa 30/09/2011, kiyoborwa hakurikijwe itegeko No 06/2009 ryo kuwa 21 Ukuboza 2009 rishyiraho imicungire y'ibigo bya Leta.

Ni ku nshuro ya gatanu Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imiyoborere (RGB) gikora ubu bushakashatsi kigamije kubona icyegeranyo cyerekana uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa n'inzego zibegereye, ndetse n'uruhare bagira mu bibakorerwa.

## 1.2. Ikigamijwe muri ubu bushakashatsi

Ikigamijwe muri rusange ni ukubona icyegeranyo cyerekana uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa n'inzego zibegereye n'uruhare bagira mu bibakorerwa. Hifashijwe urutonde rw'ibibazo, abaturage batanga ibitekerezo byabo kuri serivisi bahabwa. Kugira ngo ibibazo byumvikane uko biri, habanje gukorwa igeragezwa mu murenge utarakorewemo ubushakashatsi nyirizina.

Ibyavuye mu bushakashatsi byifashishwa kugira ngo haboneke ibisubizo ku bibazo abaturage bahura nabyo mu buzima bwabo bwa buri munsi, no kugira ngo mu bitekerzo batanga haboneke uburyo barushaho kugira uruhare mu bibakorerwa.

## 1.3. Uburyo bwakoreshejwe

Muri ubu bushakashatsi hakoreshejwe uburyo bwo kubaza baturage mu ngo zatoranijwe muri buri mudugudu, nawo watoranijwe ku buryo bwa tombola.

Umubare w'ingo wabonetse hakurikijwe ubuhanga mu ibarurishamibare buteye butya:

$$n = \frac{(N \times Z^2 \times pq)}{(E^2(N-1) + Z^2 \times pq)}$$

Aha

n = umubare w'ingo zo kubazwa

N: Umubare w'abaturage bose, ibarura rya 2012 ryerekanye ko u Rwanda rutuwe n'abaturage 10,515,973[1]

Z = umubare werekana icyizere ibizava mu bushakashatsi bikwiye kugirirwa. Twafashe icyizere cya 95%, gihwanye na 1.96.

1 *Fourth Population and Housing Census, Rwanda, 2012, Main indicators report.*

p na q (p=1-q) ni ubwiganze bw'abaturage barebwa n'ubushakashatsi, CRC 2013 yerekanye ko abaturage bishimiye serivisi ari 55% ubwo p = 0.55 naho q = 0.45

E = ukwibeshya kwemewe (ni 1%). Bivuga ko umubare ubonetse uhwanye na ± 1% ugenekereje.

Dukurikije iyi mibare, twabona ingo 9 499 none twagiye mu ngo 11,011. Izo ngo zatoranijwe mu turere ku buryo bukurikira hakurikijwe ubwiganze bw'abaturage batuye akarere.


**Imbonerahamwe 1: Umubare w'ingo zatoranijwe hakurikijwe akarere**

| Nº | Akarere | Ingo zatoranijwe | Ijanisha |
|---|---|---|---|
| 1 | Nyarugenge | 300 | 2.7 |
| 2 | Gasabo | 555 | 5.0 |
| 3 | Kicukiro | 330 | 3.0 |
| 4 | Nyanza | 345 | 3.1 |
| 5 | Gisagara | 330 | 3.0 |
| 6 | Nyaruguru | 315 | 2.9 |
| 7 | Huye | 345 | 3.1 |
| 8 | Nyamagabe | 360 | 3.3 |
| 9 | Ruhango | 330 | 3.0 |
| 10 | Muhanga | 330 | 3.0 |
| 11 | Kamonyi | 360 | 3.3 |
| 12 | Karongi | 345 | 3.1 |
| 13 | Rutsiro | 345 | 3.1 |
| 14 | Rubavu | 421 | 3.8 |
| 15 | Nyabihu | 315 | 2.9 |
| 16 | Ngororero | 345 | 3.1 |
| 17 | Rusizi | 420 | 3.8 |
| 18 | Nyamasheke | 405 | 3.7 |
| 19 | Rulindo | 300 | 2.7 |
| 20 | Gakenke | 360 | 3.3 |
| 21 | Musanze | 390 | 3.5 |
| 22 | Burera | 345 | 3.1 |
| 23 | Gicumbi | 420 | 3.8 |
| 24 | Rwamagana | 330 | 3.0 |
| 25 | Nyagatare | 480 | 4.4 |
| 26 | Gatsibo | 450 | 4.1 |
| 27 | Kayonza | 360 | 3.3 |
| 28 | Kirehe | 360 | 3.3 |
| 29 | Ngoma | 345 | 3.1 |
| 30 | Bugesera | 375 | 3.4 |
| | **Muri rusange** | **11011** | **100.0** |

***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Ubu bushakashatsi bwakorewe mu ngo ibihumbi cumi na kimwe (11,011) mu turere twose uko ari 30, imirenge 328, imidugudu 734 nk'uko ikarita ikurikira ibigaragaza.

**Ikarita 1: Imidugudu yakorewemo ubushakashatsi**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko bigaragara ku ikarita iri hejuru, hafi igihugu cyose hakorewe ubushakashatsi ku buryo ntawatinya kwitirira ibyavuyemo ibitekerezo by'abanyarwanda. Abakozweho ubushakashatsi ni abafite hejuru y'imyaka cumi n'umunani. Ibitekerezo batanze byunganirwa n'ibiganiro mu matsinda y'abayobozi n'abakuru ba serivisi zakoreweho ubushakashatsi ku rwego rw'umurenge kugira ngo habeho gusobanura birushijeho ibibazo birebana na serivise zakozweho ubushakashatsi.

Umubare w'ababajijwe wabonetse duciye ku nzego ebyiri: urwego rw'umudugudu n'ingo. Imidugudu yatoranijwe ku buryo bwa tombola hakorershejwe ikoranabuhanga rya SPSS. Muri buri karere hatoranywaga mo imidugudu hakurikjwe umubare w'abaturage watanzwe n'ibarura rya 2012. Muri buri mudugudu hatoranywaga mo ingo 15 ku buryo butaziguye. Ku rutonde rw'ingo zituye umudugudu habonekaga ingo zose, uwo mubare ukagabanywa na 15 kugira ngo haboneke umubare w'ingo zisimbukwa. Urugo rwa mbere rwatangwaga n'umubare utombojwe hagati ya 1 na wa mubare w'ingo zisimbukwa. Iyo uwongereye ku rugo rwa mbere watoranije, ubona urwa kabiri, bityo bityo kugera ku rwa nyuma.

Hakozwe n'ibiganiro mu matsinda ku buryo bukurikira:

**Imbonerahamwe 2: Uko ibiganiro mu matsinda byakozwe muri buri karere**

| Intara | Akarere | Ibiganiro |
|---|---|---|
| Umujyi wa Kigali | Gasabo | 1 LO |
| | Kicukiro | 1 CO |
| | Nyarugenge | 1 LO |
| **Byose hamwe** | | **3** |
| Amajyepfo | Gisagara | 1 CO |
| | Huye | 1 LO |
| | Kamonyi | 1 CO |
| | Muhanga | 1 LO |
| | Nyamagabe | 1 CO |
| | Nyanza | 1 LO |
| | Nyaruguru | 1 CO |
| | Ruhango | 1 LO |
| **Byose hamwe** | | **8** |
| Amajyaruguru | Burera | 1 CO |
| | Gakenke | 1 LO |
| | Gicumbi | 1 CO |
| | Musanze | 1 LO |
| | Rulindo | 1CO |
| **Byose hamwe** | | **5** |
| Iburasirazuba | Bugesera | 1 LO |
| | Gatsibo | 1 CO |
| | Kayonza | 1 LO |
| | Kirehe | 1 CO |
| | Ngoma | 1 LO |
| | Nyagatare | 1 CO |
| | Rwamagana | 1 LO |
| **Byose hamwe** | | **7** |
| Iburengerazuba | Karongi | 1 CO |
| | Ngororero | 1 LO |
| | Nyabihu | 1 CO |
| | Nyamasheke | 1 LO |
| | Rubavu | 1 CO |
| | Rusizi | 1 LO |
| | Rutsiro | 1 CO |
| **Byose hamwe** | | **7** |
| **Muri rusange** | **30** | **30** |

CO = Abaturage / abagenerwabikorwa; LO= Abayobozi

Amatsinda yabagaga agizwe n'abantu bari hagati ya 6 na 8, bakaganira ku buryo bwisanzuye buzuzanya mu byo bavuga, byaba ngombwa bakajya n'impaka.

### 1.4. Abakoze ubushakashatsi

SESMEC Ltd yashyizeho abakarani b'ibarura mirongo inani (80) bahawe amahugurwa y'iminsi ibiri (2) nyuma baza gutoranywamo mirongo irindwi na batanu (75) n'abagenzuzi cumi na batanu (15). Ba bakarani batanu (5) basigaye, bagizwe abo kwitabaza igihe havutse ikibazo. Batoranijwe hakurikijwe amashuri bize (byibuze A2 ku mukarani na A0 ku mugenzuzi), kuba bazaboneka igihe cy'ikuzanyamakuru n'uburambe bafite mu bijyane n'ibarurishamibare.

Abakarani b'ibarura bari babumbiye mu makipe cumi n'atanu (15) buri kipe igizwe n'abakarani batanu (5) n'umugenzuzi umwe (1). Buri mukarani yagombaga kwuzuza byibuze amafishi umunani (8) ku munsi. Umugenzuzi yari ashinzwe kubageza aho bagomba gukorera, gukosora ibyo bazanye no kuyobora ibiganiro mu matsinda. Ikusanyamakuru ryamaze imishi cumi n'umunani (18) kongeraho iminsi ibiri (2) yo kugenda no kugaruka.

Dore uko amakipe yari ateye:

**Imbonerahamwe 3: Uko ikusanyamakuru ryakozwe muri buri karere**

| No | Akarere | Abakarani b'ibarura | Abagenzuzi |
|---|---|---|---|
| 1 | Nyarugenge – Gasabo | 5 | 1 |
| 2 | Kicukiro – Bugesera | 5 | 1 |
| 3 | Gicumbi – Burera | 5 | 1 |
| 4 | Rulindo – Gakenke | 5 | 1 |
| 5 | Musanze – Nyabihu | 5 | 1 |
| 6 | Rubavu – Ngororero | 5 | 1 |
| 7 | Rutsiro – Karongi | 5 | 1 |
| 8 | Nyamasheke – Rusizi | 5 | 1 |
| 9 | Kamonyi – Muhanga | 5 | 1 |
| 10 | Nyanza – Ruhango | 5 | 1 |
| 11 | Huye – Gisagara | 5 | 1 |
| 12 | Nyamagabe – Nyaruguru | 5 | 1 |
| 13 | Ngoma – Kirehe | 5 | 1 |
| 14 | Rwamagana – Kayonza | 5 | 1 |
| 15 | Gatsibo – Nyagatare | 5 | 1 |
| | **Muri rusange** | **75** | **15** |

Amakuru yakusanyijwe yinjijwe muri mudasobwa hakoreshejwe ikoranabuhanga rya CsPRO rikunze gukoreshwa hirindwa amakosa y'imibare idakwiye cyangwa idateganijwe. Rikunze gukoreshwa n'Ikigo cy'Igijugu gishinzwe Ibarurishamibare (NISR).

## II. IBIRANGA ABAKOREWEHO UBUSHAKASHATSI

Muri rusange, abagore nibo benshi mu babajijwe muri ubu bushakashatsi, kandi n'ubusanzwe ni nabo benshi nk'uko byagaragajwe n'barura rya 2012. Imbonerahamwe ikurikira irerekana umubare w'ababajijwe hakurikijwe igitsina muri buri karere.

**Imbonerahamwe 4: Ababajijwe hakurikijwe igitsina muri buri karere**

| Uturere | Igitsina | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | Gabo | | Gore | | Bose | |
| | Umubare | % | Umubare | % | Umubare | % |
| Nyarugenge | 121 | 40% | 179 | 60% | 300 | 100% |
| Gasabo | 210 | 38% | 345 | 62% | 555 | 100% |
| Kicukiro | 131 | 40% | 199 | 60% | 330 | 100% |
| Nyanza | 155 | 45% | 190 | 55% | 345 | 100% |
| Gisagara | 170 | 52% | 160 | 48% | 330 | 100% |
| Nyaruguru | 117 | 37% | 198 | 63% | 315 | 100% |
| Huye | 144 | 42% | 201 | 58% | 345 | 100% |
| Nyamagabe | 171 | 48% | 189 | 53% | 360 | 100% |
| Ruhango | 128 | 39% | 202 | 61% | 330 | 100% |
| Muhanga | 146 | 44% | 184 | 56% | 330 | 100% |
| Kamonyi | 135 | 38% | 225 | 63% | 360 | 100% |
| Karongi | 196 | 57% | 149 | 43% | 345 | 100% |
| Rutsiro | 182 | 53% | 163 | 47% | 345 | 100% |
| Rubavu | 193 | 46% | 228 | 54% | 421 | 100% |
| Nyabihu | 119 | 38% | 196 | 62% | 315 | 100% |
| Ngororero | 181 | 52% | 164 | 48% | 345 | 100% |
| Rusizi | 199 | 47% | 221 | 53% | 420 | 100% |
| Nyamasheke | 188 | 46% | 217 | 54% | 405 | 100% |
| Rulindo | 149 | 50% | 151 | 50% | 300 | 100% |
| Gakenke | 170 | 47% | 190 | 53% | 360 | 100% |
| Musanze | 117 | 30% | 273 | 70% | 390 | 100% |
| Burera | 168 | 49% | 177 | 51% | 345 | 100% |

| Uturere | Igitsina | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | Gabo | | Gore | | Bose | |
| | Umubare | % | Umubare | % | Umubare | % |
| Gicumbi | 177 | 42% | 243 | 58% | 420 | 100% |
| Rwamagana | 139 | 42% | 191 | 58% | 330 | 100% |
| Nyagatare | 194 | 40% | 286 | 60% | 480 | 100% |
| Gatsibo | 213 | 47% | 237 | 53% | 450 | 100% |
| Kayonza | 151 | 42% | 209 | 58% | 360 | 100% |
| Kirehe | 145 | 40% | 215 | 60% | 360 | 100% |
| Ngoma | 132 | 38% | 213 | 62% | 345 | 100% |
| Bugesera | 139 | 37% | 236 | 63% | 375 | 100% |
| **Muri rusange** | **4780** | **43%** | **6231** | **57%** | **11011** | **100%** |

***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko bigaragara ku mbonerahamwe iri hejuru, abagore nibo babaye benshi mu babajijwe kuko bari ku gipimo cya 57%, naho abagabo bari ku gipimo cya 43%. Ibi birumvikana kuko ibarura ku buzima n'imibereho rya 2014 - 15 ryerekanye ko abagore ari 53% naho abagabo ari 47% kandi uko imyaka igenda yigira ejuru, niko abagabo bagenda baba bake ku bagore.
Mu baturage babajijwe, abenshi bafite hagati y'imyaka mirongo itanu na makumyabiri n'umwe nk'uko bigaragazwa n'ishusho ikurikira.


**Imbonerahamwe 5: Abaturage babajijwe hakurikijwe imyaka**

| IMYAKA | ABAGORE | ABAGABO | BOSE |
|---|---|---|---|
| 61< | 5.6% | 4.6% | 10.2% |
| 51-60 | 8.1% | 6.6% | 14.7% |
| 41-50 | 10.8% | 8.4% | 19.2% |
| 31-40 | 17.0% | 13.1% | 30.2% |
| 21-30 | 13.6% | 9.7% | 23.3% |
| < 20 | 1.5% | 0.9% | 2.4% |

***Aho byavuye: Anketi ya RGB,2016***

Nk'uko iyi mbonerahamwe ibigaragaza, ababajijwe abagore n'abagabo bari kumwe, abari mu myaka hagati ya makumyabiri numwe na mirongo ine barenga ½ cy'ababajijwe bose. Aha ibitekerezo batanga bikaba byagenderwaho ndetse bikitabwaho kuko ari imyaka baba bafite ibyemezo n'ibitekerezo bifatika bitewe n'uko ari imyaka yo gukora cyane.


**Ishusho 1: Ababajijwe mu bushakashatsi hakurikijwe irangamimerere**




***Aho byavuye : Anketi ya RGB, 2016***

Ishusho iri hejuru irerekna ko abenshi mu babajijwe muri ubu bushakashatsi CRC 2016 ari abubatse ku gipimo kingana na 75.4%. Ibi byerekana ko mu gukora ubu bushakashatsi, abantu b'ingeri zose barabajijwe, ariko cyane hibandwa ku bantu basanzwe, bubatse kandi bari mu ngo zabo.


**Ishusho 2: Ababajijwe mu bushakashatsi hakurikijwe amashuri bize**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko bigaragara ku ishusho iri haruguru, ababajijwe benshi bize amashuri abanza bagera ku gipimo cya 61.2%, ndetse hari n'abatarize bagera ku gipimo cya 24.6%. Ibi bikaba byerekana ko ubushakashatsi butibanze mu bize gusa, ahubwo n'abize amashuri aciriritse barabajijwe.


**Ishusho 3: Ababajijwe mu bushakashatsi hakurikijwe idini**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Imibare igaragara ku ishusho iri haruguru irerekana ko abantu bo mu madini yose babajijwe, ariko amadini ya gatolika n'abaporotesitanti akaba aribo biganje mu babajijwe ku gipimo kirenga 80%.


**Ishusho 4 : Ababajijwe mu bushakashatsi hakurikijwe umurimo**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Ishusho iri haruguru irerekana ko abantu b'ingeri zose babajijwe muri ubu bushakashatsi CRC 2016, ariko abahinzi / borozi nibo babaye benshi ku gipimo kingana na 78.9%, ni nawo mubare mwinshi w'abanyarwanda.


**Ishusho 5: Ababajijwe hakurikijwe ibyiciro by'ubudehe babamo**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Abenshi mu babajijwe muri ubu bushakashatsi CRC 2016, baba mu byiciro by'ubudehe icya kabiri (2) n'icya gatatu (3) ku gipimo kijya kwegera 80%. Ariko hari n'avuze ko batazi icyiciro barimo bari ku gipimo cya 9.5%. Abo bagizwe n'abajuririye ibyiciro bashyizwemo n'abandi bafite ibibazo binyuranye ku byiciro by'ubudehe.

**Ishusho 6: Ababajijwe mu bushakashatsi hakurikijwe amafaranga binjiza ku kwezi**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Abenshi mu babajijwe muri ubu bushakashatsi CRC 2016 ni abinjiza munsi y'aafaranga 30.000 ku gipimo kingana na 75%. Ibi birumvikana kuko byagaragaye ku mashusho yabanje ko abenshi ari abahinzi - borozi, bari mu byiciro by'ubudehe icya kabiri n'icya gatatu kandi bize gusa amashuri abanza.

## III. SERIVISI ZIBANZWEHO MU BUSHAKASHATSI

Ubushakashatsi ku ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye bwakorewe ku byiciro 14 bikurikira: Uburezi, ubuhinzi, ubworozi, inzego z'ibanze, ubutabera, iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere, ubuzima, isuku n'isukura, imibereho myiza y'abaturage, ibikorwa remezo, ubutaka,umutekano, umudendezo n'ibibazo by'ihohoterwa n'uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa.

### 1. SERIVISI Z'UBUREZI


Uburezi ni kimwe mu bipimo ngenderwaho mu kureba iterambere ry'Igihugu. Leta y'u Rwanda ikora ibishoboka byose ngo iteze imbere uburezi. Ni muri urwo rwego hashyizweho gahunda zinyuranye zigamije uburezi kuri bose. Muri ubu bushakashatsi, harebwe uburyo abaturage bagezwaho serivisi z'uburezi haba mu myigire y'abanyeshuri ndetse no mu birebana n'ibikorwaremezo by'amashuri.

Muri serivisi z'uburezi, abaturage batanze ibitekerezo ku buryo bishimiye serivisi zinyuranye ndetse n'abatishimiye zimwe muri serivisi nabo bagagaragaje ibitekerezo byabo.

#### 1.1. Ibyavuye mu bushakashatsi ku burezi muri rusange

Abaturage bagaragaje ko muri rusange bishimiye serivisi bahabwa mu burezi ku gipimo cya 73.2%. Ugereranije n'umwaka ushize harimo intambwe ishimishije kuko igipimo cyari kuri 63.4% muri CRC 2015.

**Ikarita 2: Uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa mu burezi muri rusange**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***


Nk'uko bigaragara ku ishusho iri hejuru, muri rusange abaturage bashima serivisi bahabwa mu burezi bari ku gipimo kingana na 73.2%, naho abanenga bari ku gipimo kingana na 25.0%. Uturere cumi na tubiri (12) twagaragaje ko abaturage bishimiye serivisi z'uburezi ku gipimo kiri hejuru ya 75%, naho uturere cumi na turindwi (17) twagaragaje ko abaturage bishimiye servisi z'uburezi ku gipimo kiri hagati ya 60% na 75%, naho akarere kamwe niho abaturage bagaragaje ko bishimiye serivisi bahabwa mu burezi ku gipimo kiri hasi ya 60%.

Uturere icumi tuza ku isonga ry'abashima:Rubavu:86.3%, Nyarugenge:81.2%, Rusizi:80.8%, Muhanga:80.7%, Gasabo:80.2%, Musanze:79.1%, Kamonyi:78.7%, Ngoma:76.7%, Gakenke:76.3% na Nyanza:76.1%. Naho icumi tuza inyuma ni Kirehe:69.8%, Bugesera:69.5%, Ngororero:69.1%, Nyagatare:68.8%, Nyamagabe:68.4%, Kayonza:67.5%, Rutsiro:65.1%, Nyamasheke:64.7%, Karongi:63.9%, na Nyabihu:58.0%.

### 1.2. Ibyavuye mu bushakashatsi ku burezi hakurikijwe Intara

Ugereranije uko abaturage ba buri ntara bagaragaje uko bishimiye serivisi bahabwa mu burezi, usanga intara zose ziri ku gipimo kirenze 70% nk'uko bigaragazwa n'ishusho ikurikira.

**Ishusho 7: Uko abaturage bishimiye serivisi z'uburezi hakurikijwe Intara**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko ishusho iri hejuru ibigaragaza, Umujyi wa Kigali niwo uza ku isonga ry'abashima serivisi z'uburezi ku gipimo kingana na 78.8% naho intara z'Iburengerazuba n'Iburasirazuba nizo zifite abaturage bagaragaje cyane ko batishimiye serivisi bahabwa mu burezi ku gipimo kingana na 28.0%.

### 1.3. Serivisi zitandukanye zakorereweho ubushakashatsi mu burezi

Ubushakashatsi bwibanze ku nyubako z'amashuri, amazi meza ku mashuri, amashanyarazi ku mashuri, isuku ku mashuri, gutanga ifunguro rya saa sita ku banyeshuri n'imyigire y'abana. Abaturage bavuze kandi ku birebana n'amashuri y'inshuke, icyumba cy'umukobwa, inyubako zubatswe ku buryo bworohereza abafite ubumuga n'urugendo abana bakora ngo bagere ku ishuri.

**Ishusho 8 : Uko abaturage bishimiye serivisi zitandukanye z'uburezi**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Dukurikije ibiri kuri iyi shusho biragaragara ko ¾ bashima inyubako z'amashuri (80.2%) ndetse n'isuku ku mashuri (74.7%) ibi bikaba biterwa ahanini na gahunda y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka icyenda bwegereje abaturage inyubako z'amashuri zikaba zikiri nshya. Abagera kuri ½ baranenga gutanga ifunguro rya saa sita ku banyeshuri (50.1%) naho abarenga 1/3 bagaragaje ko banenga kugezwaho amazi meza ku ishuri (47.1%), kugezwaho amashanyarazi (43.8%) ndetse banenga imyigire y'abana ku gipimo cya 33.4%. Ku banenze impamvu zagaragajwe mu biganiro byo mu matsinda harimo ko gahunda yo gutanga ifunguro rya saa sita hariho abatari bayisobanukirwa neza naho ku birebana n'amazi n'amashanyarazi ntibirakwirakwizwa hose.


### 1.4. Kwegereza abaturage ibikorwaremezo by'amashuri

Abaturage bagaragaje uko abana b'inshuke begerejwe amashuri yabagenewe, uko abana b'abakobwa bageze mu bwangavu bashyiriweho icyumba cyabagenewe, uko abafite ubumuga boroherezwa mu nyubako z'amashuri n'urugendo abana bakora bava cyangwa bajya ku ishuri.

### *Amashuri y'inshuke*

Amashuri y'inshuke ni kimwe mu bimenyetso byerekana iterambere ry'uburezi. Iyo hari amashuri y'inshuke hari abana bayigamo, hari ibikoresho, ndetse n'abarimu babyigiye nta kabuza abana bazamuka neza mu myigire ndetse bakagira ireme ry'uburezi rifatika.

**Ishusho 9: Ahari amashuri y'inshuke**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko bigaragazwa n'igishushanyo kiri haruguru, abaturage benshi, barenga 80%, bagaragaje ko aho batuye hari amashuri y'inshuke. Bivuze ko amashuri y'inshuke yateye imbere ku buryo bugaragara mu Rwanda kandi ni ikimenyetso cy'iterambere ry'Igihugu.

### *Icyumba cy'umukobwa ku ishuri*

U Rwanda rufite umwihariko wo guteza imbere umugore n'umukobwa muri gahunda zinyuranye, cyane cyane izifatirwamo ibyemezo. Muri iryo terambere, habanza kumva ibyifuzo by'abagore n'abakobwa, hagakurikiraho kubyubahiriza. Ni muri urwo rwego hagaragaye ko abana b'abakobwa bageze mu bwangavu bakeneye kwitabwaho by'umwihariko, bityo hakaba hakenewe icyumba cy'umukobwa kirimo ibikoresho nkenerwa by'isuku ku ishuri.

**Ishusho 10: Icyumba cy'umukobwa ku ishuri**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Kuri iyi shusho abavuze ko ku ishuri hari icyumba cy'umukobwa ni 38.9%, naho 27.5% bakavuga ko nta cyumba cy'umukobwa kiba ku ishuri ry'aho abana babo biga. Abagera kuri 33.6% bavuga ko iyi gahunda batayizi, ibi bigaragaza ko iyi gahunda itaracengera neza mu baturage. Hakenewe rero imbaraga mu kuyimenyesha abaturage no kubereka akamaro kayo.

### *Inyubako zorohereza abafite ubumuga*

Abafite ubumuga ni igice cy'abaturage gikeneye kwitabwaho by'umwihariko kubera intege nke baterwa n'ubwo bumuga. Ni ngombwa rero ko no ku mashuri haboneka uburyo buborohereza nko kuzamuka ku madaraza, ku misarane n'ahandi hasaba ko umuntu akoresha ingingo.

**Ishusho 11: Inyubako z'amashuri zubatse ku buryo bworohereza abafite ubumuga**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko iyi shusho ibyerekana, biragaragara ko ahenshi inyubako z'amashuri zitubatse ku buryo bworohereza abafite ubumuga kuko 47.1% bavuze ko amashuri y'aho batuye atubatse bu buryo bworohereza abafite ubumuga, naho 33.8% nibo bavuze ko inyubaka z'amashuri z'aho batuye zubatswe ku buryo bworohereza abafite ubumuga. Abagera kuri 19.1% bo bavuze ko ntacyo babiziho. Ibi byasobanurwa n'uko inyubako z'amashuri nyinshi zubatswe kera mbere y'uko iyi gahunda yo kwita ku bafite ubumuga ishyirwamo ingufu. Naho ku bavuze ko inyubako z'amashuri zubatswe ku buryo bworohereza abafte ubumuga ni ahari amashuri yubatswe vuba, nyuma y'uko gahunda yo kubaka harimo korohereza abafite ubumuga ishyiriwemo ingufu.

1.5. **Urugendo abana bakora ngo bagere ku ishuri**

Iyo amashuri yegereye abaturage, abana bakora urugendo rugufi kugira ngo bagere ku ishuri. Kuba amashuri ari hafi y'abaturage ni ikimenyetso cy'iterambere ry'igihugu. Muri CRC 2016 abaturage bagaragaje uburyo amashuri abegereye berekana urugendo abana bakora ngo bagere ku ishuri.

**Ishusho 12: Urugendo abana bakora ngo bagere ku ishuri**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Ku bijyanye n'urugendo abana bakora ngo bagere ku ishuri, 49.7% by'abaturage babajijwe bavuze ko abana babo bagenda munsi ya kilometero imwe (1km) ngo bagere ku ishuri. Umubare ungana na 77.6% abana babo bakora munsi y'ibirometero bibiri ngo bagere ku ishuri. Ibi bikerekana ko abaturage begerejwe amashuri kuko duhereye kuri iyi mibare, abaturage benshi bavuga ko abana bakora urugendo rutarenze iminota mirongo itatu (30 min) ngo bagere ku ishuri.

1.6. **Ibikwiye kwitabwaho mu burezi**

- Kwita ku ireme ry'imyigishirize harebwa cyane cyane ubushobozi bw'abigisha, ubucucike bw'abana mu byumba by'amashuri ndetse n'imibereho ya mwarimu;

- Kwita kuri gahunda y'icyumba cy'umukobwa igasobanurwa bihagije;

- Kwita ku nyubako zorohereza abana bafite ubumuga mu gihe hubakwa inyubako nshya z'amashuri ndetse no mu isanwa ry'asanzwe;

- Kuzamura imibereho ya mwarimu ku buryo umwuga w'ubwarimu uhabwa agaciro ntube uw'ababuze aho bajya.


## 2. SERIVISI Z'UBUHINZI N'UBWOROZI

Ibarura ry'abaturage n'imiturire ryakozwe muri 2012 ryerekanye ko abanyarwanda 72.7% barengeje imyaka 16 bakora umurimo w'ubuhinzi n'ubworozi. Mu bushakashatsi CRC 2016, ntihirengagijwe uwo mubare mwinshi w'abaturage. Ababajijwe bagaragaje ibyo bashima, ndetse n'ibyo banenga muri serivisi bahabwa zirebana n'ubuhinzi n'ubworozi.

### 2.1. Ibyavuye mu bushakashatsi byerekeye serivisi z'ubuhinzi

Muri rusange abaturage bishimiye serivisi z'ubuhinzi bahabwa ku gipimo kingana na 48.4%, naho abagaya bari ku gipimo kingana na 37.4%.

**Ikarita 3: Uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa mu buhinzi**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Ubushakashatsi bwagaragaje ko uturere icumi tuza ku isonga mu kwishimira serivisi z'ubuhinzi harimo: Nyamagabe (70.8%), Gisagara (70.0), Gakenke (68.6), Gatsibo (64.0), Burera (62.1%), Kirehe (58.8), Ngororero (58.1), Ngoma (56.0), Gicumbi (55.9), Rulindo (54.4). Naho dutanu dufite abagaya benshi ni Karongi bagaya kuri (60.8%), Kicukiro (54.6), Gasabo (52.4%), Nyagatare (51.8) na Nyaruguru bari ku gipimo cya 51.3%. Ibi bipimo biragaragaza ko hakenewe kugira igikorwa ngo serivisi z'ubuhinzi zinozwe kuko abagaya ni benshi n'abashima barashima ku kigero kiri hasi.

### 2.2. Uko abaturage bishimiye serivisi zitandukanye z'ubuhinzi

Ku bijyanye na serivisi zinyuranye zitangwa mu buhinzi, abaturage bagaragaje ibitekerezo byabo kuri serivisi z'ubuhinzi bagezwaho n'ubuyobozi, bavuga izo bishimiye n'izo banenga.

**Ishusho 13: Uko abaturage bishimiye serivisi zitandukanye z'ubuhinzi**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Iyi shusho iri haruguru irerekana ko abaturage bishimiye serivisi z'ubukangurambaga n'ubujyanama mu buhinzi (63.4%), serivisi za agoronome (63.3%), gukoresha amafumbire n'inyongeramusaruro (62.9%), guhinga igihingwa cyatoranijwe (53.7%) no kubonera imbuto ku gihe (51.3%). Hari na serivisi bagaragaje ko batishimiye kurusha izindi harimo guhunika umusaruro banenga ku kigero cya (58.0%), gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi abanenga ni 53.2%, kubona isoko ry'umusaruro bagera kuri 45.4% naho guhuza ubutaka banenga kuri (42.9 %).

a) ***Serivisi za Agoronome***

Serivisi za agoronome nizo zerekana uruhare rw'inzego z'ibanze mu gufasha abaturage gukora ubuhinzi buteye imbere. Niyo mpamvu iyo zitagenze neza, abaturage bagendera kuri gakondo isa n'iyataye igihe. Abaturage bagaragaje uko bashima cyangwa banenga izi serivisi ku rwego rw'akarere ku buryo bukurkira.

**Ikarita 4 : Uko abaturage bishimiye serivisi za agoronome**





***Aho byavuye : Anketi ya RGB, 2016***

Ishusho iri hejuru irerekana ko uturere icumi twa mbere abaturage bishimiye serivisi za agoronome ari : Gakenke:90.8%, Nyamagabe:81.7%, Gisagara:80.9%, Burera:80.6%, Musanze : 80.0%, Ngoma:80.0%, Rulindo:79.7%, Gicumbi:79.5%, Gatsibo:78.4% na Ngororero:78.3%. Nk'uko bigaragara, mu ntara y'Amajyaruguru, uturere twose twaje mu icumi ba mbere bishimiye serivisi za agoronome.

b) ***Gukoresha amafumbire n'inyongeramusaruro***

Gukoresha amafumbire n'inyongeramusaruro ni kimwe mu byatuma umusaruro wiyongera iyo bikozwe hakurikijwe inama z'inzobere mu by'ubuhinzi. Uko abaturage bishimira uburyo babibona, byerekana intambwe y'ukwiyongera k'umusaruro.

**Ikarita 5: Uko abaturage bishimiye gukoresha amafumbire n'inyongeramusaruro**





***Aho byavuye : Anketi ya RGB, 2016***

Ubushakashatsi bwerekanye ko uturere icumi twa mbere abaturage bagaragaje ko bishimiye serivisi zo gukeresha ifumbire n'inyongeramusaruro ari : Gakenke:87.2%, Gisagara:84.8%, Nyamagabe:84.7%, Ngororero:80.9%, Nyamasheke:77.8%, Gatsibo:76.7%, Ngoma:75.7%, Kirehe:75.0%, Rwamagana:74.5% na Nyaruguru:73.7%. Nk'uko bigaragara, mu ntara y'Iburasirazuba barashima cyane serivisi zo gukoresha ifumbire n'inyongeramusaruro kurusha ahandi kuko uturere tune tuza mu icumi ba mbere bishimiye izo serivisi. Ababishinzwe bakwiye gushyira ingufu mu kunoza iyi gahunda.

c) ***Guhinga igihingwa cyatoranijwe***

Guhinga igihingwa cyatoranijwe ni uburyo bwo guhinga by'iterambere hagamijwe kubona umusaruro mwinshi kandi mwiza. Iyo bikozwe neza, nta kabuza uwo musaruro uraboneka. Kubyishimira cyangwa kubinenga, bigaragaza uburyo abaturage babona umusaruro babona ugereranije n'uwo bumva bagakwiye kubona.

**Ikarita 6: Uko abaturage bishimiye guhinga igihingwa cyatoranijwe**





***Aho byavuye : Anketi ya RGB, 2016***

Mu turere twose tw'igihugu, icumi twagaragaje ko abaturage batwo bishimiye serivisi bahabwa mu guhinga igihingwa cyatoranijwe ni utu dukurikira : Gakenke:90.6%, Nyamagabe:79.7%, Kirehe:77.8%, Ngoma:76.8%, Gisagara:75.8%, Burera:73.0%, Ngororero:70.7%, Gatsibo:69.1%, Rulindo:68.7% na Nyaruguru:63.5%. Uko bigaragara, uretse Umujyi wa Kigali, intara eshatu, arizo Amajyaruguru, Amajyepfo n'Iburasirazuba zifite uturere dutatu dutatu mu icumi bashima serivisi zo guhinga igihingwa cyatoranijwe, naho intara y'Iburengerazuba ifite akarere kamwe.

### d) *Kubonera imbuto ku gihe*

Kubonera imbuto ku gihe bifasha abaturage kudacikanwa n'ibihe by'ihinga no kwizera imbuto yahinzwe, bityo ubuhinzi bugakorwa umuhinzi yizeye kuzabona umusaruro mwiza. Ugushima uburyo babonera imbuto ku gihe, byerekana icyizere abaturage bafite mu buhinzi, biganisha k'ukongera umusaruro.

**Ikarita 7: Uko abaturage bashima kubabonera imbuto ku gihe**





***Aho byavuye : Anketi ya RGB, 2016***

Turebye uturere icumi twa mbere aho abaturage bavuga ko bishimiye kubonera imbuto ku gihe turasngamo: Gisagara:79.7%, Nyamagabe:75.6%, Gatsibo:69.8%, Rwamagana:69.7%, Ngororero:68.1%, Ngoma:62.6%, Kirehe:61.1%, Nyamasheke:59.5%, Kamonyi:59.2% na Gakenke:59.2%. Ukurikije imibare tubona hejuru, intara y'Iburasirazuba niyo ifite uturere tune tuza mu icumi ba mbere bishimiye serivisi zo kubonera imbuto ku gihe.

### e) *Gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi*

Gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi bituma abaturage bava ku buhinzi bw'ibiribwa by'urugo bakajya ku buhinzi bwinjiza amafaranga. Iyo umusaruro wongerewe agagaciro, uzana inyungu nyinshi mu rugo, abahinzi bakishimira akazi bakoze. Ukunenga serivisi bahabwa mu gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi ni ukugaragaza inzitizi ikomeye ituma abaturage badatera imbere nk'uko babyifuza.

**Ikarita 8: Uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa mu gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi**





***Aho byavuye : Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko bigaragara kuri iyi karita iri haruguru,muri rusange abaturage ntibishimiye serivisi bahabwa ijyanye no gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi.Kuba hirya no hino mu turere nta nganda zibafasha mu gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi biri mu bituma abaturage batishimira iyo serivisi. Kandi n'aho izi nganda ziri usanga zikora ku kigipimo cyiri mu nsi y'ubushobozi bwazo. Bibyo bigatuma igice kinini cy'umusaruro cyangirika cyangwa ntikibyazwe inyongeragaciro cyashoboraga gutanga.

### f) *Kubona isoko ry'umusaruro*

Kubona isoko ry'umusaruro ni cyo kiba kigamije ku muhinzi uteganya kugurisha umusaruro. Iyo abahinzi babuze isoko ry'umusaruro, bibateza igihombo cyane cyane iyo bahinze ibihingwa bidahunikwa, ariko bikaba byatuma bagurisha ku giciro cyo hasi iyo bakeneye amafaranga kandi bayateze ku buhinzi.

**Ikarita 9: Uko abaturage bishimiye isoko ry'umusaruro**





***Aho byavuye : Anketi ya RGB, 2016***

Serivisi zijyanye no kubonera abaturage isoko ry'umusaruro bigaragara ko zitishimiwe n'abaturage muri rusange aho uturere twinshi twishimiye iyo serivisi ku gipimo kiri hagati ya (0-50%).Uturere 3 gusa aritwo  Kamonyi, Nyamagabe na Gisagara nitwo twagaragaje ko twishimiye serivisi y'isoko ry'umusaruro ku gipimo kiri hagati ya(60-75%). Ibi byerekana ko serivisi abaturage bahabwa mu buhinzi zikeneye kunononsorwa no kwiganwa ubushishozi kuko ba nyir'ubwite batazishimiye.

## 2.3. Ibyavuye mu bushakashatsi byerekeye serivisi z'ubworozi

Muri rusange, abaturage bishimiye serivisi z'ubworozi bahabwa ku gipimo kingana na 54.2% naho abazinenga bari ku gipimo kingana na 29.7%.

**Ikarita 10: Uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa mu bworozi**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Ku rwego rw'igihugu, uturere 10 tuza ku isonga ry'abashima serivisi z'ubworozi harimo: Kamonyi (77.0%), Gatsibo (73.0%), Gicumbi (71.9%), Nyagatare (70.9%), Nyanza (68.7%), Rwamagana (66.6%), Rutsiro (65.2%), Kirehe (64.7%), Muhanga (64.1%) na Kayonza (62.0%). Naho uturere dutanu dufite umubare munini w'abagaya serivisi z'ubworozi ni: Nyamasheke (48.6%), Nyaruguru (46.2%), Nyabihu (46.2%), Nyamagabe (44.4%) na Ngoma (39.7). Iki gipimo nacyo kiri mu bikeneye kwitabwaho cyane ko abaturage benshi batunzwe no korora no guhinga.

## 2.4. Uko abaturage bishimiye serivisi zitandukanye z'ubworozi

Ku bijyanye na serivisi zinyuranye zitangwa mu buhinzi, abaturage bagaragaje ibitekerezo byabo kuri serivisi z'ubuhinzi bagezwaho n'ubuyobozi, bavuga izo bishimiye n'izo banenga.

**Ishusho 14: Uko abaturage bishimiye serivisi zitandukanye z'ubworozi**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko abaturage bishimiye serivisi z'ubuvuzi bw'amatungo ku gipimo kingana na 75.5%, serivisi za veterineri ku gipimo kingana na 73.8%, ubukangurambaga n'ubujyanama mu bworozi ku gipimo kingana na 64.8% no gutera intanga kuri 62.4%. Naho abanenze cyane ni serivisi yo gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku bworozi, aho abanenga bagera ku gipimo kingana na 50.8%, isoko ry'amata aho bari ku gipimo kingana na 48.6% n'isoko ry'ibindi bikomoka ku matungo, abanenga bari ku gipimo kingana na 41.5%. Ibi byerekana ko ibijyanye n'isoko ry'ibikomoka ku bworozi bitaratungana neza, bityo aborozi bakaba bafite ingorane zo kubona inyungu bifuza mu bworozi bakora. Birasaba kongera imbaraga mu gushaka amasoko no gutunganya umusaruro w'ubworozi.

a) ***Serivisi za veterineri***

Serivisi za veterineri ntizigarukira k'ukuvura amatungo, ahubwo zigera kure nk'ubujyanama, ubukangurambaga n'ibindi. Iyo abaturage bishimiye serivisi za veterineri baba bafite amahirwe yo korora amatungo yitaweho bikongera umusaruro w'ibikomoka ku matungo.

**Ikarita 11: Uko abaturage bishimiye serivisi za veterineri**




***Aho byavuye : Anketi ya RGB, 2016***


Mu bushakashatsi bwakozwe, abaturage bagaragaje uko bishimiye serivisi za veterineri ku rwego rw'akarere, uturere icumi tubimburira utundi mu bashima ni: Kamonyi:92.5%, Gakenke:92.2%, Rulindo:91.3%, Muhanga:89.1%, Rutsiro:89.0%, Gatsibo:88.9%, Gisagara:88.5%, Nyagatare:88.1%, Karongi:87.8% na Kirehe:85.3%.

Iyi mibare yerekana ko mu ntara y'Amajyepfo n'iy"Iburasirazuba ariho abaturage bavuga ari benshi ko bishimiye serivisi bahabwa na veterineri kuko mu turere icumi tubanziriza abashima, dutatu ari utwo mu ntara y'Amajyepfo, tundi dutatu tukaba utwo mu ntara y'Iburasirazuba.

### *Serivisi zo gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku bworozi*

Serivisi zo gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku bworozi nizo zifasha aborozi gushing inganda ntoya zigamije guhindura ibiva mu bworozi ku buryo agaciro kiyongera kandi bikarenga imbibe zisanzwe ku buryo byagera n'imahanga. Iyo abaturage banenga serivisi zo gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku bworozi ni ikimenyetso cy'uko ubworozi bukiri hasi, butaragera ku ntera yo kohereza mu mahanga ibiva ku bworozi.

**Ikarita 12: Uko abaturage bashima serivisi zo gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku bworozi**





***Aho byavuye : Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko bigaragazwa n'iyi karita iri haruguru, mu turere twose usanga abaturage batibishimiye serivisi bagezwaho mu gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku bworozi. Ibi birerekana ko gahunda zijyanye no gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku bworozi zitaratera intambwe bigasaba ko zitabwaho.

## *Isoko ry'amata*

Ubworozi bw'inka buri mu buzamura abaturage bakava mu bukene bajya mu bukire. Mu biteza imbere umworozi w'inka harimo ifumbire ituma ahinga akeza, amata n'inyama. Amata aranyobwa, ariko aranagurishwa akazanira umworozi amafaranga. Iyo aborozi banenga isoko ry'amata biba bivuga ko amafaranga baba biteze ku bworozi ataza nk'uko babyifuza, bikadindiza iterambere ry'ingo n'iry'igihugu muri rusange.

**Ikarita13: Uko abaturage bishimiye isoko ry'amata**




***Aho byavuye : Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko ikarita iri haruguru ibigaragaza, uturere twinshi twagaragaje ko abaturage batishimiye isoko ry'amata.Abaza ku isonga mu kutishimira iyo serivisi tubasanga mu Ntara y'Iburengerazuba n'Umujyi wa Kigali.Akarere ka Gicumbi konyine niko kagaragaza ko abaturage bishimiye kubona isoko ry'amata. Utundi turere tune, Gatsibo, Rwamagana, Kamonyi na Nyanza, abaturage batwo bishimiye kubona isoko ry'amata ku kigero kiringiniye.

## 2.5. Ibikwiye kwitabwaho mu buhinzi n'ubworozi

- Gushyiraho uburyo bunoze bwo guhinga badacungira ku kirere (Kwuhira imusozi, guhinga ibishanga ighe cy'izuba, …), n'ubworozi ntibuzahazwe no kubura imvura;
- Kwita ku isoko ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (umusaruro w'ubuhinzi, amata n'ibindi bikomoka ku bworozi, …);
- Kwegereza abaturage imbuto n'ifumbire kandi bikabagereraho ku gihe;
- Gufasha abaturage guhunika umusaruro no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi.


# 3. SERIVISI ZITANGWA N'INZEGO Z'IBANZE

Inzego z'ibanze nizo zegereye abaturage zikorana nabo buri munsi. Uburyo abaturage bahabwa serivisi mu nzego z'ibanze ni ikimenyetso cy'uko imiyoborere imeze muri rusange. Iyo abaturage bishimiye serivisi bahabwa n'inzego z'ibanze, bigaragaza ko imiyoborere igenda neza, naho ibyo banenga bigafasha abayobozi gukosora. Muri ubu bushakashatsi abaturage bagaragaje uburyo bahabwa serivisi mu nzego z'ibanze, ibyo bashima n'ibyo banenga.

### 3.1. Ibyavuye mu bushakashatsi ku nzego z'ibanze muri rusange

Ubushakashatsi bwagaragaje ko abaturage bishimiye serivisi bahabwa n'inzego z'ibanze ku gipimo kingana na 75.9% muri rusange naho abanenga bari ku gipimo kingana na 18.0%.

**Ikarita 14: Uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa n'inzego z'ibanze**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko bigaragara ku ishusho iri hejuru, uturere cumi n'umunani nitwo ababajijwe bashima ku gipimo kiri hejuru ya 75%. Uturere cumi na tubiri dusigaye ababajijwe bashima serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze ku gipimo kiri hagati ya 60% na 75%. Icumi tuza ku isonga ry'abashima tukaba ari: Rubavu:87.8%, Gatsibo:87.1%, Kamonyi:85.6%, Ngororero:84.8%, Nyagatare:83.9%, Muhanga:83.7%, Gakenke:79.5%, Karongi:79.0%, Kayonza:78.5%, na Gicumbi:78.2%. Naho icumi tuza inyuma ni Nyanza:70.9%, Nyabihu:70.5%, Musanze:69.7%, Nyarugenge:68.8%, Kicukiro:68.4%, Ruhango:68.2%, Nyamagabe:67.7%, Nyaruguru:66.9%, Gasabo:66.7% na Bugesera:66.5%.

### 3.2. Ibyavuye mu bushakashatsi ku nzego hakurikijwe intara

Uko byifashe mu ntara zose, uretse Umujyi wa Kigali, ahandi hose abaturage bagaragaje ko bishimiye serivisi bahabwa n'inzego z'ibanze ku gipimo kirenga 70% nk'uko bigarazwa n'ishusho ikurikira.

**Ishusho 15: Uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa n'inzego z'ibanze**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Intara y'Iburengerazuba niyo iza imbere mu bashima (79.2%) ikanajya inyuma mu banenga (15.9%), naho Umujyi wa Kigali uza inyuma mu bashima (67.7%), ukaza n'imbere mu banenga.

### 3.3. Serivisi zitandukanye zitangwa n'inzego z'ibanze

Muri ubu bushakashatsi, abaturage bagaragaje uburyo bishimiye serivisi bahabwa n'inzego z'ibanze arizo: kwakirana urugwiro abaturage, gusobanurira abaturage serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze, kwakira abaturage no kubakemurira ibibazo ku gihe, gusobanurira abaturage gahunda za Leta, guhabwa ibyangombwa bitangwa ku nzego z'ibanze no kugarageriza abaturage ibibakorerwa.

**Ishusho 16: Uko abaturage bishimiye serivisi zitandukanye bahabwa n'inzego z'ibanze**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko iyi shusho iri hejuru ibyerekana, abaturage bagaragaje ko bishimiye cyane serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze kuko izabajijweho bagaragaje ko bazishimiye ku kigero kiri hejuru ya 80% naho izo bagaya harimo kwegera abaturage no kubakemurira ibibazo ku gihe, banenga kuri 19.1%. Ibi biragaragaza ko hakwiye gushyirwa ingufu mu kwihutisha gukemura ibibazo by'abaturage bakarindwa gusiragira.

### 3.4. Uko abaturage babona akarengane, ruswa n'ikimenyane mu nzego z'ibanze

Kugira ngo serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze zinogere abazihabwa, zigomba kuba zitagira amakemwa. Zizira akarengane, ruswa n'ikimenyane. Abaturage bagaragje uko babona akarengane, ruswa n'ikimenyane mu nzego z'ibanze nk'uko bigaragazwa n'ishusho ikurikira.

**Ishusho 17: Ikimenyane, ruswa n'akarengane mu nzego z'ibanze**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko imibare ibyerekana ku ishusho iri hejuru, abaturage bagaragaje ko mu nzego z'ibanze ikimenyane kidahari ku rugero rungana na 66.5%, abavuga ko gihari bari ku kigero cya 31.1% (hahujwe abavuga ko bihari bike, bihari na bihari bikabije) naho ruswa abavuga ko idahari bari ku gipimo kingana na 67.5%, abavuga ko ihari bakaba ari 27.7% (hahujwe abavuga ko bihari bike, bihari na bihari bikabije). Ku birebana n'akarengane abagaragaje ko kadahari bari ku gipimo kingana na 65.5% naho abagera kuri 32.5% bagaragaje ko gahari (hahujwe abavuga ko bihari bike, bihari na bihari bikabije). Inzego z'ibanze zikwiye kwisuzuma hakarebwa icyakorwa.

**3.5. Uko abaturage bazi urwego rwa njyanama**

Kumenya njyanama mu nzego z'ibanze ni kimwe mu bigaragaza ko abaturage bahagarariwe neza kandi ko ibyifuzo byabo byitabwaho mu igenamigambi ry'akarere. Ishusho ikurikira iragaragaza uko abaturage bazi njyanama guhera ku kagari kugera ku karere.

**Ishusho 18: Ubumenyi kuri Njyanama**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko bigaragazwa n'iyi ishusho, abaturage bemeye ko bazi urwego rwa njyanama y'akagari ku gipimo kingana na 72.0%, ku murenge 55.2% naho ku karere ni 36.3% by'ababajijwe. Abavuga ko batayizi ku karere nibo benshi bagera kuri 63.7%, ku murenge ni 44.8% naho abo ku kagari ni 28.0%. Ibi biragaragaza ko abaturage bazi cyane inzego zibegereye naho izo hejuru ntabwo bazizi.

### *Uko abaturage bishimiye imikorere ya Njyanama*

Kwishimira imikorere ya Njyanama byatuma abaturage bumva ko bahagarariwe kandi bagafatanya n'abayobozi gukurikiza ibyemezo biba byavuye mu nama zinyuranye zabaye. Ubushakashatsi bwakozwe muri CRC 2016 bwabajije abavuze ko bazi njyanama kuvuga uko bishimiye imikorere yayo nk'uko bigaragazwa n'ishusho ikurikira.

**Ishusho 19: Uko abaturage bishimiye imikorere ya Njyanama**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko bigaragazwa n'ishusho iri hejuru, inzego za njyanama zegereye abaturage nizo bazi, nizo bashima ni nazo banenga kuko arizo bazi imikorere yazo. Imikorere ya njyanama y'akagari niyo abaturage bashima ku gipimo kingana na 61.3% ni nayo banenga kurusha izindi ku gipimo kingana na 7.6%. Inzego z'ibianze zikwiriye gushyiraho gahunda y'ubukangurambaga mu kumenyekanisha abajyanama ku babatoye bakarushaho kubegera no kumva ibyifuzo byabo.

### 3.6. Ibikwiye kwitabwaho muri serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze

- Gushyiraho gahunda ngaruka gihe zo kwegera abaturage no gukemura ibibazo byabo;
- Kurwanya ruswa, ikimenyane n'akarengane bikirangwa kuri bamwe mu bayobozi b'inzego z'ibanze,
- Kongera imbaraga mu kumenyekanisha urwego rwa njyanama abaturage bakabamenya bakamenya n'imikorere yabo.


## 4. SERIVISI Z'UBUTABERA

Ubutabera bunoze niryo shingiro ry'imoyoborere ibereye abaturage. Iyo abaturage babona ubutabera bifuza, niho bumva bafite agaciro. Muri ubu bushakashatsi, abaturage bagaragaje uko bishimiye serivisi bahabwa mu butabera.

### 4.1. Ibyavuye mu bushakashatsi ku butabera muri rusange

Muri rusange, abaturage bagaragaje ko bishimiye serivisi bahabwa mu butabera ku gipimo kingana na 62.7%, naho abanenga bari ku gipimo kingana na 16.0%. Urebye usanga igipimo cyarasubiye inyuma ugereranije n'igipimo cya CRC 2015 cyanganaga na 76.7%. Ubusobanuro bwaturuka ku kuba serivisi z'ubutabera zacukumbuwe cyane muri CRC 2016 ugereranyije n'imyaka yabanje, ariko n'abaturage bamaze kumenyera ibijyanye n'ubushakashatsi, ku buryo badatinya kugaragaza aho bitagenda neza.

**Ikarita 15: Uko abaturage bishimiye imitangire ya serivisi mu butabera muri rusange**




**Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016**


Nk'uko ishusho iri hejuru ibigaragaza, imibare irerekana ko mu ntara y'Iburasirazuba, ariho abaturage bagaragaje ari benshi ko bishimiye serivisi bahabwa mu butabera. Mu turere icumi tubanziriza utundi mu bashima, tune ni utwo mu ntara y'Iburasirazubauturere icumi tuza ku isonga ry'abashima ni : Gatsibo : 79.1%, Rubavu:73.4%, Nyagatare : 70.7%, Kamonyi : 70.0%, Ngoma : 69.9%, Rulindo : 69.5%, Gakenke : 68.3%, Rwamagana : 67.9%, Ngororero : 67.7% na Karongi : 67.4%. Uturere icumi tuza inyuma ni Nyabihu : 59.4%, Nyamagabe : 58.9%, Rusizi : 57.3%, Kicukiro : 56.9%, Nyaruguru:56.8%, Gicumbi : 56.6%, Bugesera : 53.3%, Rutsiro : 51.2%, Gasabo : 50.8% na Nyarugenge : 49.1%.

Akarere ka Nyarugenge niho abaturage babajijwe bagaragaje ko bishimiye serivisi bahabwa mu butabera ku kigero kiri munsi ya 50%.

### 4.2. Ibyavuye mu bushakashatsi ku butabera hakurikijwe Intara

Mu ntara zose, uretse Umujyi wa Kigali, abaturage bagaragaje ko bishimiye serivise bahabwa mu butabera ku gipimo kiri hejuru ya 60% nk'uko bigaragazwa n'ishusho ikurikira.

**Ishusho 20: Uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa mu butabera hakurikijwe Intara**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Biragaragara ku ishusho iri hejuru ko abaturage bo mu ntara y'Iburasirazuba aribo bagaragaje ari benshi ko bishimimiye serivisi bahabwa mu butabera. Babaigaragaje ku gipimo cya 67.1% naho Umujyi wa Kigali niho abaturage bagaragaje ari bake mu bishimira serivisi bahabwa mu butabera, bakagararagara no ku mubare usumba iyindi mu bagaragaje ko banenga serivisi bahabwa mu butabera.

### 4.3. Serivisi z'ubutabera zitandukanye zakoreweho ubushakashatsi

Mu bushakashatsi bwakozwe CRC 2016, abaturage bagaragaje uburyo bishimiye serivisi bahabwa mu butabera nka serivisi za noteri, kwihutisha imanza, kurangiza imanza, ubwunganizi mu butabera ku batishoboye, ifunga n'ifungura k'ukekwaho icyaha, kutabogama kw'inzego z'ubucamanza, ubukangurambaga mu kumenyekanisha amategeko n'ubukangurambaga mu kumenyekanisha uburenganzira bwa muntu. Bagaragaje kandi niba bazi inzego za MAJ n'abunzi n'uburyo babona ibibazo by'akarengane, ikimenyane na ruswa mu nzego z'ubutabera.

**Ishusho 21: Uko bishimiye serivisi z'ubutabera zitandukanye zakoreweho ubushakashatsi**





***Aho byavuye : Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko iyi shusho ibigaragaza, ibyavuye mu bushakashatsi byerekanye ko abaturage bashima ukutabogama kw'inzego z'ubucamanza, Kurangiza no kwihutisha imanza ku kigero kiri hejuru ya 70%. Ubwunganizi mu butabera ku batishoboye niyo serivisi bashima ku kigero kiri munsi ya 50%. Ibi bikaba byanasobanurwa n'uko abagaragaza ko batazi ko ubwo bwunganizi buhari nabo ari benshi kuko bari ku kigero cya 29.6%. Ibi bigaragaza ko inzego z'ubutabera zikwiye gukora ubukangurambaga buhagije mu baturage ku birebana n'ubwunganizi mu by'amategeko.

## 4.4. Abaturage bahuye na ruswa, ikimenyane n'akarengane mu mezi cumi n'abiri ashize

U Rwanda ni igihugu kimaze gutera intambwe igaragara mu kurwanya ruswa n'akarengane mu ruhando rw'amahanga no mu karere rubarizwamo. Muri ubu bushakashatsi twifuje kandi kumenya niba hari abaturage baba barahuye n'ikibazo cya ruswa, akarengane n'ikimenyane mu gihe basabye serivisi mu mezi cumi n'abiri ashize, kugira ngo habeho gushaka ingamba zihamye zijyanye n'icyerekezo cyo kuyirandura burundu.

**Ishusho 22: Abaturage bahuye na ruswa, ikimenyane n'akarengane mu mezi cumi n'abiri ashize**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko bigaragazwa n'iyi shusho iri hejuru, abaturage bagaragaje ko bahuye n'akarengane ku kigero cya 20%, ikimenyane ku kigero cya 11.9% naho abagera kuri 10.4% nibo bahuye n'ikibazo cya ruswa. Ibi byegeranyo ntibitandukanye cyane n'ibya CRC2015 aho byari kuri 19.5% ku karengane, 12,7% ku kimenyane na 10.8% ku basabwe ruswa ubwo basabaga serivisi mu mezi cumi n'abiri ashize. Hakwiye gushyirwaho ingamba zihamye zo kurandura burundu ibi bibazo mu mitangire ya serivisi z'ubutabera.

### 4.5. Abaturage bazi urwego rwa MAJ n'abunzi

MAJ ni urwego rwashyiriweho kunganira no gufasha abaturage cyane cyane abatishoboye abana n'abahuye n'ikibazo cy'ihohoterwa mu bibazo birebana n'amategeko no kurangiza imanza. Abunzi nabo ni urwego rwashyizweho mu gufasha gukemura imanza no guhuza abafitanye amakimbirane. Byombi byashyizweho ari igisubizo mu birebana n'ubutabera. Muri ubu bushakashatsi twifuje kumenya abazi izi nzego zombi bigaragazwa n'iyi shusho.

**Ishusho 23: Abaturage bazi urwego rwa MAJ n'abunzi**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko iyi shusho ibigaragaza, abaturage babajijwe bageze kuri 95.3% nibo bavuze ko bazi urwego rw'abunzi naho abagera kuri 4.7% nibo bavuze ko batazi urwego rw'abunzi. Bitandukanye no ku bunzi, abaturage bagera kuri 19.2% gusa nibo bavuze ko bazi urwego rwa MAJ naho abagera kuri 80.8% bavuze ko batazi urwego rwa MAJ. Hakenewe ubukangurambaga ku rwego rwa MAJ kuko biragaragara ko abaturage bataruzi kandi aribo rwashyiriweho.

### *Uko abaturage babona imikorere y'abunzi*

Mu gihe urwego rw'abunzi rukoze neza, ikibazo cy'abaturage bahora mu makimbirane n'imanza zidashira kiba gikemuwe. Muri ubu bushakashatsi abaturage babajijwe ku mikorere y'abunzi bikaba bigaragazwa n'ishusho ikurikira.

**Ishusho 24: Uko abaturage babona imikorere y'abunzi**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko iyi shusho ibigaragaza, abaturage babajijwe bagaragaje ko bishimira cyane serivisi zitangwa n'abunzi kuko zose bazishimira ku kigero kiri hejuru ya 80% ndetse babafitiye icyizere ku kigero cya 86.9%. Abagera kuri 12.0% bagaragaza ko hakiri ikibazo ku bumenyi bwabo bigaragaza ko hakenewe amahugurwa ahoraho ku bunzi cyane cyane ku mategeko mashya.

### *Ibibazo abunzi bahura nabyo mu mikorere yabo*

N'ubwo byagaragaye ku ishusho 18 ko abunzi bakora neza ndetse ko abaturage babafitiye icyizere twifuje kumenya kandi niba nta mbogamizi bahura nazo mu mirimo yabo ya buri munsi ibyo bikaba bigaragazwa n'iyi shusho ikurikira

**Ishusho 25: Ibibazo abunzi bahura nabyo**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Mu bibazo abaturage bagaragaje ko abunzi bahura nabyo mu mikorere yabo icyiganje ni icyo kutagira inyoroshyangendo (57.3%), kutabona agahimbazamusyi (55.1%), naho abagera kuri 42.4% bavuze ko abunzi bahura n'ikibazo cy'ubumenyi budahagije mu by'amategeko. Hakwiye kureba icyakorwa ngo abunzi bongererwe ubushobozi n'ubumenyi kugira ngo barusheho gutanga ubufasha bugaragara mu butabera.

### *Uko abaturage babona imikorere ya MAJ*

Nk'uko twababajije abaturage niba bazi urwego rwa MAJ, ku bagaragaje ko baruzi twababajije niba bazi imikorere yarwo bikaba bigaragazwa n'ishusho ikurikira.

**Ishusho 26: Uko abaturage babona imikorere ya MAJ**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Muri ubu bushakashatsi, ku birebana n'imikorere ya MAJ ababajijwe bari bagaragaje ko bazi uru rwego bagaragaje ko batazi imikorere ya MAJ ku gipimo kiri hejuru ya 75%. Iyi mibare iragaragaza ko mu by'ukuri hakenewe imbaraga mu kumenyekanisha uru rwego n'imikorere yarwo n'ubwo hari abavuga ko rumenywa n'abarwitabaje cyangwa barukeneyeho ubufasha, ibyo ntibihagije.

## *Uko abaturage babona akamaro k'urwego rwa MAJ*

MAJ nk'uko bizwi ni urwego rwashyiriweho abaturage mu kubabonera ubufasha mu birebana n'amategeko. Muri ubu bushakashatsi twifuje kumenya niba abaturage bazi akamaro uru rwego rubafitiye. Iki kibazo kikaba cyarabazwaga abavuze ko bazi uru rwego.

**Ishusho 27: Uko abaturage babona akamaro k'urwego rwa MAJ**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko iyi shusho ibigaragaza, ku baturage babajijwe hejuru ya 77% bagaragaje ko mu by'ukuri batazi icyo MAJ imariye abaturage ukurikije bimwe mu bikorwa bya MAJ babajijweho. Ibi bikaba byasobanurwa no kuba abaturage benshi bataramenya uru rwego cyangwa ngo bamenye aho barwitabaza.

## *Ibibazo urwego rwa MAJ ruhura nabyo mu mikorere yarwo*

Muri ubu bushakashatsi twifuje kumenya imbogamizi uwego rwa MAJ rwaba ruhura nazo mu mikorere yarwo ya buri munsi muri serivisi baha abaturage.

**Ishusho 28: Ibibazo urwego rwa MAJ ruhura nabyo mu mikorere**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko imibare iri hejuru ibigaragaza, mu baturage babajijwe bavuze ko bazi urwego rwa MAJ abagera kuri 13,8% nibo bavuze ko imbogamizi ihari ari uko umubare munini w'abaturage utabazi, kutagira inyoroshyangendo no kutarangiriza imanza ku gihe biri kuri 5%.

## 4.6. Uko abaturage babona ruswa, ikimenyane n'akarengane muri zimwe mu nzego za Leta

Mu kureba uko ruswa, akarenga n'ikimenyane bihagaze mu gihugu twabajije abaturage uko babibona duhereye kuri zimwe mu nzego zibegereye harimo: Polisi, inzego z'ibanze, MAJ, abunzi n'inkiko. Ishusho ikurikira ikaba igaragaza aho bigiye byiganje.

**Ishusho 29: Ruswa, ikimenyane n'akarengane muri zimwe mu nzego za Leta**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Iyi shusho irerekana ko mu nzego z'ibanze ariho hagaragara ruswa, ikimenyane n'akarengane kurusha izindi nzego kuko biri ku gipimo kiri hejuru ya 20% hose. Polisi nayo abagera ku 10% bavuga ko hari ruswa.

Inzego z'ibanze biragaragara ko zikwiye kongerara imbaraga kugira ngo ruswa, ikimenyane n'akarengane bivugwamo bicike umuturage abone serivisi akwiye kubona atarenganyijwe.

### 4.7. Ibikwiye kwitabwaho muri serivisi z'ubutabera

- Kongerera ubumenyi n'ubushobozi urwego rw'Abunzi;
- Hakwiye gushyirwaho ingamba zihamye zo kurwanya ruswa, ikimenyane n'akarengane;
- Hakwiye ubukangurambaga ku rwego rwa MAJ no ku mikorere yarwo ku baturage;
- Kunoza imikorere ya ba Noteri ndetse n'ubwunganizi ku batishoboye;
- Kongera ubukangurambaga ku mategeko n'uburenganzira bwa muntu.


# 5. SERIVISI Z’UBUZIMA

Serivisi z’ubuzima ziri muri serivisi nkenerwa mu buzima bwa buri munsi. Leta y’u Rwanda yashyizeho gahunda nyinshi zirebana no kwita ku buzima bw’abaturage. Muri ubu bushakashatsi abaturage bakaba baragaragaje uko bishimira serivisi z’ubuzima bahabwa.

### 5.1. Ibyavuye mu bushakashatsi ku buzima muri rusange

Muri rusange abaturage bishimiye serivisi z’ubuzima bahabwa ku kigero cya 74.9% naho abanenga bari ku kigero cya 21.8%.

**Ikarita 16: Uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa mu buzima**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nkuko iyi shusho ibigaragaza uturere cumi na dutatu abaturage bagaragaje ko bishimiye serivisi zitangwa mu buzima ku gipimo kiri hejuru ya 75%, naho uturere cumi na turindwi (17) dusigaye bashimye serivisi z’ubuzima ku gipimo kiri hagati ya 60 na 75%. Muri utwo turere icumi tuza ku isonga ni Rubavu:84.8%, Kirehe:84.1%, Gakenke:79.9%, Burera:79.7%, Ngororero:78.8%, Rulindo:78.4%, Gicumbi:78.0%, Nyamasheke:78.0%, Kamonyi:77.2% na Ruhango:76.7%. Naho icumi tuza inyuma ni Nyanza:72.5%, Rwamagana:72.2%, Karongi:72.2%, Nyarugenge:71.7%, Nyaruguru:71.4%, Nyagatare:70.2%, Kicukiro:69.6%, Nyamagabe:68.6%, Rutsiro:67.6% na Bugesera:66.8%. Biragaragara ko muri serivisi z’ubuzima hari intambwe igaragara imaze guterwa ariko bikaba bigomba kurushaho kunozwa.

### 5.2. Ibyavuye mu bushakashatsi ku buzima hakurikijwe intara.

Muri serivisi zitangwa z'ubuzima, abaturage bagaragaje mu ntara zose ko bishimiye serivisi bahabwa ku gipimo kiri hejuru ya 70% nk'uko bigaragazwa n'ishusho ikurikira.

**Ishusho 30: Uko abaturage bishimiye serivisi z'ubuzima hakurikijwe intara**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Ishusho iri haruguru iragagaragaza ko intara y'amajyaruguru ariyo iza ku isonga mu bashma serivisi bahabwa mu buzima ku gipimo cya 78.5%, igakurikirwa n'intara y'Iburengerazuba, aho abaturage bagaragaje ko bishimiye serivisi bahawa mu buzima ku gipimo cya 76.3%. Ku ruhande rw'abanenga, uretse intara y'amajyaruguru, ahandi hose baranenga ku gipimo kiri hejuru ya 20%. Ibi byerekana ko n'ubwo abenshi bashima serivisi bahabwa mu buzima, haracyari ibikeneye kunozwa kugira ngo na bariya banenga barusheho kuba bake.

### 5.3. Serivisi z'ubuzima zitandukanye zakoreweho ubushakashatsi

Abaturage babajijwe uko bishimiye serivisi z'ubwisungane mu kwivuza, serivisi zo gutanga imiti, serivisi z'ubuzima bw'imyororokere, serivisi bahabwa n'abajyanama b'ubuzima, ibikorwaremezo n'ibikoresho, imbangukiragutabara, igihe umurwayi ategereza muganga, ubukangurambaga mu birebana n'imirire.

**Ishusho 31: Uko abaturage bishimiye serivisi z'ibikorwaremezo zitandukanye zakore weho ubushakashatsi**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Ababajijwe bagaragaje ko bishimiye serivisi zitangwa n'abajyanama b'ubuzima ku gipimo kingana na 91.9% bikaba bijya kungana na CRC 2015 aho abashima serivisi z'abajyanama bari ku gimimo cya 93.1%. Mu byo banenga cyane harimo igihe umurwayi ategereza ngo abonane na muganga banenga ku gipimo cya 34.3% ndetse na serivisi zo gutanga imiti banenga ku kigero cya 29.6%. Hakenewe ingufu mu kwita ku barwayi ndetse na serivisi zo gutanga imiti zikwiye kunozwa.

## 5.4. Uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa ku mavuriro

Turebeye ku bijyanye n'ireme rya serivisi z'ubuzima mu bitaro, mu bigo nderabuzima no mu bigo nderabuzima biciriritse (Poste de santé), ibyavuye mu bushakashatsi bikubiye mu ishusho ikurkira.

**Ishusho 32: Uko abaturage bishimiye serivisi z'ubuzima bahabwa ku bitaro, ibigo nder abuzima n'ivuriro**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Iyi shusho iragaragaza uko abaturage bishimiye serivisi zitangirwa ku mavuriro. Nk'uko imibare iri hejuru ibigaragaza, serivisi zitangirwa ku bitaro nizo zishimiwe ku kigero cya 80.5%, izitangirwa ku bigonderabuzima zishimiwe ku gipimo cya 74.3% naho ku ivuriro (poste de santé) zishimiwe ku kigero cya 65.1%. Ibi bikaba biterwa n'uko hari aho izo "poste de santé" zitaramenyerwa kuganwa cyangwa ubushobozi bwazo bukaba bukiri hasi.

**5.5. Kwegereza abaturage amavuriro**

Mu rwego rwo gukomeza gahunda yo kwegereza abaturage serivisi z'ubuzima, ubu bushakashatsi bwanarebye intera iri hagati y'aho abaturage batuye ndetse n'aho babona serivisi z'ubuzima zinyuranye. Muri ubu bushakashatsi, abaturage babajijwe intera iri hagati y'ivuriro n'aho abaturage batuye hagamijwe kumenya uko begerejwe serivisi zitangwa mu buzima.

**Ishusho 33: Intera iri hagati y'ivuriro n'aho abaturage batuye**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Ku baturage babajijwe bose, 54.3% bavuze ko bakora urugendo ruri munsi ya metero 500 kugera kuri kilometero ebyiri. Abavuze ko iyo ntera iri hagati y'ibirometero bibiri n'ibirometero bitatu (2km-3km) bagera kuri 20.5% naho abakora intera iri hejuru y'ibilometero bitatu bagera kuri 24.8%. Ibi biragaragaza ko hari intambwe igaragara imaze guterwa mu rwego rwo kwegereza abaturage amavuriro n'ibitaro bityo n'impfu zikagabanuka.

### 5.6. Ibikwiye kwitabwaho muri serivisi z'ubuzima

- Kongera imiti ihabwa ibigo nderabuzima n'amavuriro (poste de santé);
- Kunoza uburyo bwo kwakira abarwayi badasiragijwe ;
- Kunoza serivisi z'ubwisungane magirirane mu kwivuza;
- Kongerera abajyanama b'ubuzima ubushobozi n'ubumenyi.


# 6. SERIVISI Z'ISUKU N'ISUKURA

Ntitwavuga iterambere ry'igihugu twibagiwe ko abaturage bakwiye kuba bafite isuku yaba iyo ku mubiri iy'aho batuye n'aho bahurira ari benshi. Muri ubu bushakashatsi abaturage bagaragaje uko babona isuku ihagaze.

## 6.1. Ibyavuye mu bushakashatsi ku isuku n'isukura muri rusange

Muri rusange abaturage bagaragaje ko bishimiye serivisi z'isuku n'isukura ku kigero cya 58.6% naho abanenga izi serivisi bari ku gipimo cya 38.3%.

**Ikarita 17: Uko abaturage bishimiye serivisi z'isuku n'isukura**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nku'uko bigaragazwa n'iyi shusho Akarere kamwe ka Rulindo niho abaturage bagaragaje ko bishimiye ibirebana n'isuku n'isukura mu karere kabo ku gipimo kiri hejuru ya 75%. Uturere icumi (10) ababajijwe bashima isuku n'isukura ku gipimo kiri hagati ya 50% na 75%, uturere cumi na tune (14) ababajijwe baho bishimye ku kigero kiri hagati ya 50% na 60%. Uturere icumi turi ku isonga ry'abashima ni Rulindo:75.5%, Gakenke:71.2%, Nyarugenge:70.6%, Kicukiro:69.0%, Gasabo:67.9%, Rusizi:66.6%, Nyamasheke:63.9%, Ngoma:63.0%, Rwamagana:63.0%, na Rubavu:62.2%. Naho icumi tuza inyuma ni Nyaruguru:55.3%, Nyamagabe:53.7%, Gicumbi:52.8%, Burera:52.2%, Ngororero:50.8%, Muhanga:49.8%, Nyagatare:48.9%, Ruhango:46.9%, Nyanza:46.6% na Rutsiro:45.0%. Hakenewe ingufu nyinshi kugira ngo isuku yitabweho cyane ko bigabanya indwara zituruka ku isuku nke.

## 6.2. Ibyavuye mu bushakashatsi ku isuku n'isukura hakurikijwe intara

Hakurikijwe intara, intara y'Amajyaruguru n'Umujyi wa Kigali nizo zonyine abaturage bagaragaje ko bishimiye serivisi z'isuku n'isukur ku gipimo kiri hejuru ya 60% nk'uko ishusho ikurikira ibigaragaza.

**Ishusho 34: Uko abaturage bishimiye serivisi z'isuku n'isukura hakurikijwe Intara**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Ikigaragara ku ishusho iri hejuru ni uko mu mujyi wa Kigali hari abishimiye serivisi bahabwa mu isuku n'isukura bari ku gipimo cya 68.9% kiruta izindi ntara zisigaye. Ni naho abanenga serivisi z'isuku n'isukura ari bake, kuko bari ku gipimo kingana na 23.9% kandi mu majyepfo bari ku gipimo cya 44.3%. Haracyakenewe byinshi byo gukorwa ngo isuku n'isukura binogere abagenerwabikorwa cyane mu ntara z'icyaro.

### 6.3. Serivisi z'isuku zitandukanye zakoreweho ubushakashatsi

Abaturage babajijwe uko babona isuku mu mavuriro, mu masoko, mu tubari n'amaresitora, mu ngo zabo no ku mubiri, ndetse no mu biro by'inzego z'ibanze. Banababajijwe kandi impamvu zituma hari ahantu hakirangwa isuku nke, indwara ziganje mu karere n'igitera malariya.


**Ishusho 35: Uko abaturage babona isuku y'ahantu hatandukanye**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Abaturage bagaragaje ko bishimiye isuku mu mavuriro ku gipimo kingana na 90.0% bijya kungana na CRC2015 aho byari kuri 92.6%, mu biro by'inzego z'ibanze ku gipimo kingana na 87.0% naho muri CRC2015 yari kuri 89.6%, Mu byo banenga harimo isuku muri resitora n'utubari banenga ku gipimo cya 65.9%, mu ngo no ku mubiri isuku bayinenga ku gipimo cya 56.7% naho ku isoko abanenga bagera kuri 47.9%. Isuku ntimeze neza hakwiye kongerwa ingufu cyane cyane ubukangurambaga mu baturage.

**Ishusho 36: Ibyo abaturage babona gitera isuku nke**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Abaturage bagera kuri 66.8% bagaragaje ko ahakirangwa isuku nke, biterwa ahanini n'imyumvire / ubujiji, 50.4% bavuga ko biterwa n'ubukene naho kutagira amazi meza byavuzwe ko bitera isuku nke ku gipimo kingana na 35.9%, ubukangurambaga budahagije ku gipimo kingana na 14.9% naho imiturire / imyubakire ni ku gipimo kingana na 12.0%, Hakenewe ubukangurambaga buhagije ku isuku no kuzamura imyumvire yabo mu birebana n'isuku ndetse no guca imiturire iri mu kajagari.

## 6.4. Indwara abaturage babona ziganje aho batuye

Muri ubu bushakashatsi twababajije kandi indwara ziganje aho batuye mu rwego rwo kugeza ku nzego zifite ubuvuzi mu nshingano zabwo zifatanyirize hamwe kureba icyakorwa.

**Ishusho 37: Indwara abaturage babona ziganje aho batuye**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Muri ubu bushakashatsi, abaturage 87.3%, bagaragaje, ko malariya ariyo ndwara yiganje aho batuye 71.2% bavuze ko ari indwara zituruka ku mibonano mpuzabitsina, abagera kuri 54.6% bavuze ko ari indwara z'imitima na cancer, 35.4% bavuze indwara ziterwa n'imirire mibi naho 29.2% bavuze indwara ziterwa n'isuku nke. Tugendeye kuri iyi mibare inzego zishinzwe kurwanya malariya zigomba kongera imbaraga kugira ngo malariya yagaragaye ku iri hejuru cyane irandurwe.

### 6.5. Uko abaturage babona ubwiganze bwa malariya aho batuye

Abaturage babajijwe mu bushakashatsi CRC 2016 bagaragaje uburyo babona ubwiganze bwa malariya mu karere batuyemo. Uko abaturage babigaragaje bikubiye mu ishusho ikurikira.


**Ishusho 38: Uko abaturage babona ubwiganze bwa malariya aho batuye hakurikijwe akarere**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko bigaragara ku ishusho iri hejuru, abaturage bagaragaje, uretse akarere ka Musanze, ko malariya yiganje mu turere twose ku gipimo kiri hejuru ya 50%. Hari n'uturere bavuze ko yigaje ku gipimo kirenga 98%. Utwo turere ni Rwamagana:98.8%, Kayonza:98.3%, Huye:98.3%, Gatsibo:98.2% na Kamonyi:98.1%. Ibi birerekana ko malariya ikiri icyorezo kandi ko ingamba zo kuyirwanya zikeneye gushyirwamo ingufu nyinshi, cyane mu turere tw'Iburasirazuba n'Amajyepfo.

**Ishusho 39: Ibyo abaturage babona bigitera ubwiyongere bwa malariya**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Muri ubu bushakashatsi abaturage bagaragaje ko ahanini malariya iterwa n'inzitiramibu zitujuje ubuziranenge ku gipimo kingana na 55.9%, inzitiramibu zidahagije ku gipimo kingana na 48.8%, isuku nke y'aho batuye ku gipimo kingana na 29% n'ubukangurambaga budahagije ku gipimo kingana na 7.6%. Abashinzwe kurwanya Malariya mu nshingano zabo bakwiye kugira icyo bakora kugira ngo habeho gutanga inzitiramubu kandi zujuje ubuziranenge ku baturage.

### 6.6. Ibikwiye kwitabwaho mu birebana n'isuku n'isukura

- Gukora ubukangurambaga buhoraho ku isuku;
- Kuzamura imyumvire y'abaturage ikiri hasi ku birebana n'isuku;
- Gukora isuzuma ryimbitse ku buziranenge bw'inzitiramubu zihabwa abaturage;
- Kongera ubukangurambaga mu kwirinda no gukumira indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, umutima na cancer;
- Gufata ingamba zo guhashya malaria;
- Gufata ingamba z'uko Abanyarwanda barya indyo yuzuye.


# 7. SERIVISI Z'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

Kugira ngo abaturage bishimire imiyoborere, ni ngombwa ko babona imibereho myiza. Imibereho myiza ni yayindi igera kuri buri wese niyo yaba atishoboye cyangwa atiyumva mu bandi. Uko abaturage bishimiye serivisi z'imibereho myiza bahabwa, ni ikigaragaza uko bishimiye uburyo bayobowe n'uruhare rwabo mu miyoborere. Mu bushakashatsi CRC 2016, abaturage bagaragaje ibitekerezo byabo kuri serivisi bahabwa z'imibereho myiza.

## 7.1. Ibyavuye mu bushakashatsi ku mibereho myiza y'abaturage muri rusange

Muri rusange ababajijwe bagaragaje ko bishimiye serivisi zo kwita ku mibereho myiza y'abaturage ku gipimo kingana na 61.2% naho abanenga bari ku gipimo kingana na 31.4%.

**Ikarita 18: Uko abaturage bishimiye serivisi zo kwita ku mibereho myiza y'abaturage**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Uko bigaragara ku ishusho iri hejuru, uturere dutandatu abaturage batwo bishimiye serivisi zo kwita ku mibereho y'abaturage ku kigero kiri hejuru ya 75%. Uturere icumi turi ku isonga ry'abashima ni Karongi:78.0%, Rubavu:76.9%, Burera:76.7%, Gatsibo:76.4%, Gicumbi:76.3%, Nyagatare:75.5%, Ngororero:73.9%, Kirehe:73.7%, Gakenke:73.5% na Rulindo:70.8%. Naho uturere icumi tuza inyuma ni Nyabihu:57.0%, Nyanza:54.6%, Ruhango:52.7%, Nyaruguru:50.5%, Nyamagabe:49.9%, Huye:49.2%, Nyarugenge:39.6%, Kicukiro:33.7%, Gasabo:33.2% na Rutsiro:30.3%.

### 7.2. Ibyavuye mu bushakashatsi ku mibereho myiza y'abaturage hakurikijwe intara

Harebwe intara zose, Umujyi wa Kigali niho abaturage bagaragaje igipimo kiri hasi cy'abashima serivisi bahabwa mu mibereho myiza y'abaturage, akaba ari naho bagaragaje ko batazi serivisi zitangwa mu mibereho myiza y'abaturage nk'uko ishusho ikurikira ibigaragaza.

**Ishusho 40 : Uko abaturage bishimiye serivisi zo kwita ku mibereho myiza y'abaturage hakurikijwe Intara**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Ishusho iri hejuru irerekana ko mu ntara y'Amajyaruguru ariho abaturage bagaragaje cyane ko bishimiye serivise bahabwa mu mibereho myiza (71.9%), naho mu ntara y'amajyepfo niho abaturage bagarage ko banenga serivisi bahabwa mu mibereho myiza kurusha ahandi (40.6%). Mu Mujyi wa Kigali, niho hagaragaye abaturage benshi bavuga ko batazi ibikorwa bya serivisi z'imibereho myiza ku gipimo kingana na 36.8%. Abashinzwe imibereho myiza y'abaturage mu nshingano zabo barasabwa kongera ingufu kugira ngo abo zigenewe bazibonemo, bityo abazinenga babe bake n'abatazizi bagire inyota yo kuzimenya.

### 7.3. Serivisi zinyuranye zakorereweho ubushakashatsi mu mibereho myiza y'abaturage

Muri ubu bushakashatsi, serivisi zo kwita ku mibereho myiza y'abaturage zakoreweho ubushakashatsi harimo serivisi zo gushyirwa mu byiciro by'ubudehe, guhitamo abagenerwabikorwa ba VUP, guhitamo abagenerwabikorwa ba Girinka no kubakira abatishoboye. Bavuze uko bashima n'uko banenga izo serivisi bahabwa. Ibyavuye mu bushakashatsi bigaragazwa n'ishusho ikurikira.

**Ishusho 41 : Serivisi zinyuranye zakorerewehо ubushakashatsi mu mibereho myiza y'abaturage**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***


Nk'uko bigaragara ku ishusho iri hejuru, abaturage bagaragaje ko bishimiye cyane cyane gahunda zo kubakira abatishoboye ku gipimo cya 71.3%, guhitamo abagenerwabikorwa ba VUP ku gipimo kingana na 61.6%, guhitamo abagenerwabikorwa ba Girinka ku gipimo kingana na 59.7% no gushyira abaturage bu byiciro by'ubudehe biri ku gipimo kingana na 52.1.0%. Abaturage bagaragaje ko batishimiye cyane cyane uburyo bwo gushyira abaturage mu byiciro by'ubudehe (45.6% baranenga) no guhitamo abagenerwabikorwa ba Girinka (32.1% baranenga) kurusha ibindi.

Ibyagaragaye muri ubu bushakashatsi kandi bisobanurwa n'uko habayeho kutishimira ibyakozwe cyane cyane mu gutanga inka za Girinka no gushyira abaturage mu byiciro by'ubudehe, ku buryo byavuzwe no mu binyamakuru, ndetse bigahuruza n'inzego zo hejuru.

### 7.4. Impamvu serivisi z'imibereho myiza y'abaturage zitagenda neza

Kutagenda neza kwa serivisi z'imibereho myiza y'abaturage, bishobora guterwa n'abaturage cyangwa n'abayobozi. Mu bushakashatsi bwakozwe CRC 2016, abaturage bagaragaje impamvu yaba ituma serivisi z'imibereho myiza y'abaturage zitagenda neza. Bagarageje ibitekerezo byabo kuri ruswa, ikimenyane, akarengane, uruhare rw'abayobozi bifata nabi cyangwa se abaturage bifata nabi. Ibyavuye mu bushakashatsi bigaragazwa n'ishusho ikurikira.

**Ishusho 42: Impamvu serivisi z'imibereho myiza y'abaturage zitagenda neza**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Ishusho iri hejuru iragaragaza ko ikimenyane, ruswa n'akarengane byiganje muri gahunda y'ubudehe na gahunda ya Girinka kuko abaturage bagarageje ko bihari ku gipimo kirenga 20%. Abaturage bagaragaje kandi ko muri gahunda z'ubudehe, VUP na Girinka, abayobozi babyitwaramo nabi kuko ababyemeje barenga nabo igipimo cya 20%.

**7.5. Uko abaturage babona ibibazo biri muri gahunda ya girinka**

Gahunda ya Girinka yashyizweho kugira ngo izamure imibereho y'abakene ibagabira inka yo kubaha ifumbire ngo bahinge, amata ngo bongere imirire n'amafaranga. Yakunze kunengwa ho byinshi bijyanye n'uko abayobozi cyangwa abaturage babyitwaramo nabi. Muri ubu bushakashatsi, abaturage bagaragaje uko babibona nk'uko bigaragara ku ishusho ikurikira.

## Ishusho 43: Uko abaturage babona ibibazo biri muri gahunda ya Girinka




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Muri rusange, ibibazo biri muri gahunda ya Girinka byagaragajwe n'abaturage bari ku gipimo kiri hasi ya 40%. Ikigaragara ku ishusho iri hejuru ni uko abaturage bagaragaje cyane kurusha ibindi ko hari abatarahawe inka bagombaga kuzihabwa (34.6%), hari n'abakene n'uwabaha inka batabasha kuzorora (33.5%) ndetse n'abahabwa inka badakwiye kuzihabwa (28.1%). Ibi biragaragaza ko gahunda ya Girinka igikeneye kunozwa kugira ngo zihabwe abo zikwiye bibafashe mu kwikura mu bukene.

### 7.6. Ibikwiye kwitabwaho muri gahunda y'imibereho myiza

- Kunoza ingamba zo gushyira abaturage mu byiciro by'ubudehe ku buryo babyibonamo;
- Konoza imicungire y'inkunga zitangwa na Leta muri gahunda y'imibereho myiza cyane cyane Girinka, ubudehe na VUP;
- Kurwanya ruswa, ikimenyane n'akarengane bikivugwa muri servisi z'imibereho myiza;
- Gukangurira abayobozi umuco wo kwemera kugaragaza ukuri;
- Gukangurira abaturage umuco wo kureka guhora bateze amaboko no kwishyira mu bakeneye gufashwa.
- Gukangurira abayobozi b'inzego z'ibanze kutijandika muri gahunda zo kwita ku mibereho myiza ahubwo bakajya bakurikirana uko bishyirwa mu bikorwa bafatanyije n'izindi nzego.


## 8. SERIVISI Z'IBIKORWAREMEZO

Iterambere ry'ibikorwaremezo niryo ryerekana iterambere ry'igihugu, bityo n'imiyoborere ikaba yabigenderaho. Ibikunze kuvugwa kenshi mu bikorwaremezo ni imyoboro y'amazi, amashanyarazi, amateme n'imihanda, itumanaho n'ikoranabuhanga. Muri ubu bushakashatsi CRC 2016, abaturage bagaragaje ibitekerezo byabo ku bikorwaremezo, bagaragza aho bashima ndetse n'aho banenga. Uko abaturage bishimiye ibikorwaremezo bitanga icyizere cyiza mu miyoborere kuko byorohereza abayobozi kugera ku bayoborwa, n'abayoborwa kugera ku bayobozi.

### 8.1. Ibyavuye mu bushakashatsi ku bikorwa remezo muri rusange.

Abaturage babajiwe bagaragaje ko muri rusange bishimiye serivisi z'ibikorwaremezo ku gipimo kingana na 53.1% naho abanenga bari ku gipimo kingana na 45.3%. Iki gipimo ni icyo kwishimirwa kuko ugereranije na CRC 2013, ubwo habayeho isuzumwa ry'ibikorwaremezo, igipimo cyari kuri 30.0%. Habayeho intambwe ndende irenze 20% mu myaka itatu ishize.

**Ikarita 19: Uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa mu bikorwa remezo muri rusange**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***


Uko bigaragazwa n'ishusho iri hejuru, uturere icumi tuza ku isonga mu kwishimira ibikorwaremezo ni Kicukiro:79.1%, Nyarugenge:73.7%, Gasabo:65.8%, Rubavu:64.3%, Nyagatare:61.8%, Rwamagana:61.0%, Musanze:60.6%, Ngoma:60.2%, Burera:56.5% na Gakenke:56.0%. Naho icumi tuza inyuma ni Kayonza:46.8%, Kirehe:46.7%, Kamonyi:45.7%, Huye:44.7%, Karongi:43.4%, Gisagara:42.4%, Nyabihu:42.0%, Nyamasheke:41.6%, Nyamagabe:40.2% na Ngororero:36.2%.

Nk'uko bigaragara, mu Mujyi wa Kigali ndetse no mu turere dutatu mu muri dutandatu dufatwa nk'imijyi izunganira umujyi wa Kigali aritwo Rubavu, Musanze na Nyagatare niho abaturage bagaragaje cyane ko bishimiye serivisi z'ibikorwaremezo bahabwa. Utundi tubiri aritwo Muhanga:55.0% na Rusizi:53.5% tuza hagati na hagati. Naho akarere ka Huye:44.7% kaza mu icumi twa nyuma mu kwishimira serivisi bahabwa mu bikorwaremezo.

### 8.2. Ibyavuye mu bushakashatsi ku bikorwa remezo hakurikijwe Intara

Tugiye mu rwego rw'intara, abaturage bagaragaje ibitekerezo byabo kuri serivisi bahabwa mu bikorwaremezo nk'uko bigaragara ku ishusho ikurikira

**Ishusho 44: Uko abaturage bishimiye ibikorwaremezo hakurikijwe Intara**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Ishusho iri hejuru irerekana neza ko abaturage bishimiye serivisi bahabwa mu bikorwaremezo cyane mu mujyi wa Kigali:71.5%, hagakurikiraho Amajyaruguru:54.7% n'Iburasirazuba:54.4%. Amajyepfo n'Iburengerazuba ho abaturage bagaragaje ko batishimiye serivisi bahabwa mu bikorwaremezo ku gipimo kiri hejuru ya 50%. Haracyakenewe kwegereza ibikorwaremezo abaturage bo mu ntara z'icyaro.

### 8.3. Serivisi zakoreweho ubushakashatsi mu bikorwaremezo

Mu bushakashatsi CRC 2016, abaturage bagaragaje ibitekerezo byabo kuri serivisi z'ibikorwaremezo zikurikira: amazi, amashanyarazi, imihanda n'amateme, itumanaho n'ikoranabuhanga no guhererekanya amafaranga hakoreshejwe telefoni zigendanwa. Bagaragaje ibyo bashima ndetse n'ibyo banenga nk'uko bigaragara ku ishusho ikurikira.

**Ishusho 45: Uko abaturage bishimiye serivisi zinyuranye bahabwa mu bikorwaremezo**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko bigaragara ku ishusho iri hejuru, abaturage bagaragaje ko bishimiye serivisi bahabwa mu guhererekanya amafaranga hakoreshejwe telefoni zigendanwa (M2u, Tigo cash, Mobile money na Airtel money) ku gipimo kingana na 67.7%, ariko kandi bagaragaza ko batishimiye serivisi bahambwa z'amazi n'amashanyarazi ku gipimo kiri hejuru ya 50%. N'ubwo batishimiye cyane, hari intambwe yatewe kuva 2013 kuko icyo gihe abari bishimiye serivisi bahabwa mu mazi bari ku gipimo kingana na 30%, ubu ni 41.0%, abari bishimiye serivisi bahabwa mu mashanyarazi bari ku gipimo kingana na 23%, ubu ni 41,7%. Ibi birerekana ko imbaraga Leta ishyira mu guteza imbere ibikorwaremezo zigaragarira abaturage bo bagenerwabikorwa.


### 8.4. Kwegereza abaturage amazi n'amashanyarazi


Muri ubu bushakashatsi CRC 2016, abaturage bagaragaje ibitekerezo byabo kuri serivisi z'amazi n'amashanyarazi bahabwa amazi n'aho bafatira amashanyarazi ndetse banagaragaza uruhare bagira mu bikorwa by'amazi n'amashanyarazi.

#### *Abafite amazi meza n'aho bayakura*

Mu bushakashatsi bwakozwe, abaturage babajijwe niba aho batuye bafite amazi meza ndetse no kugaragaza aho bayakura. Ibisubizo batanze bigaragazwa n'ishusho ikurikira

**Ishusho 46: Kuba bafite amazi meza n'aho bayakura**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko bigaragara ku ishusho iri hejuru, abaturage bagaragaje ko bafite amazi meza aho batuye bagera kuri (56.4%). Abaturage bagaragje ko badafite amazi meza bari ku gipimo kingana na 43.6%. Abaturage babajijwe kandi aho bakura amazi meza bakoresha, 45.3% basubije ko bayakura ku isoko yo mu kabande, 29.6% bakayakura ku kazu k'amazi naho 12.6% bakayakura kuri robine yo mu rugo. Ibi bipimo ntabwo bitandukanye cyane ibisanzwe kuko mu ibarura ry'ubuzima n'imibereho (2014 – 15 RDHS) bagaragaje ko abafite amazi mu rugo cyangwa mu ruzitiro ari 9.6% naho abavoma ku ivomo rusange bakaba 26.5%

### *Urugendo bakora ngo bagere ku ivomo*

Abaturage babajijwe ku rugendo bakora ngo bagere ku ivomo, ibisubizo batanze bikubiye mu ishusho ikurikira


**Ishusho 47: Urugendo bakora ngo bagere ku ivomo**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko bigaragara ku ishusho iri hejuru, abaturage bavoma kure (kurenga 2 km) bari ku gipimo kingana na 17.4%. Uyu mubare waraganutse ugereranije na CRC 2013 aho wari kuri 28%.

**Ishusho 48: Abaturage bafite amashanyarazi n'aho bayafatira**




A*ho byavuye: Anketi ya RGB, 2016*

Ibyavuye mu bushakashatsi nk'uko bigaragara ku ishusho iri haruguru, biragaragaza ko abafite amashanyarazi bari ku gipimo kingana na 28.6%.. Ku bafite amashanyarazi, abenshi (23.4%) bayafatira munsi ya 500 m.


### 8.5. Kwegereza abaturage imihanda

Imihanda niyo ifasha abaturage mu migenderanire yabo, bityo igafasha abayobozi kwegera abayoborwa, imiyoborere ikarushaho kuba myiza. Muri ubu bushakashatsi CRC 2016, abaturage batanze ibitekerezo byabo kuri serivisi bahambwa mu mihahanda. Bavuze k'uko bishimiye imiterere y'imihanda, imikorere y'inzego zishinzwe iby'imihanda n'uruhare bagira mu bikorwa byo kubaka no gucunga imihanda.

#### Uko abaturage bishimiye imiterere y'imihanda

Abaturage bagaragaje ibitekerezo byabo k'uko bishimiye imitere y'imihanda mu karere batuyemo, bavuga ibyo bashima ndetse n'ibyo banenga. Uko babigaragaje bikubiye mu ishusho ikurikira

**Ishusho 49: Uko abaturage bishimiye imiterere y'imihanda**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Muri rusange abaturage bishimiye imiterere y'imihanda ku gipimo kingana na 51.7% naho abanenga ni 47.0%. Iki gipimo gikwiye kwishimirwa ugereranyije na CRC 2013 aho abashima bari kuri 33%. Habayeho izamuka rijya kwegera 20% bigaragara ko hari icyakozwe kigaragara.


### 8.6. Kwegereza abaturage itumanaho n'ikoranabuhanga

Itumanaho n'ikoranabuhanga ni byo bigaraza uko igihugu cyakataje mu iterambere, n'imiyoborere myiza ikabonezwa neza kuko igihe gikoreshwa ari gito ku bintu byinshi kubera itumanaho n'ikoranabuhanga riteye imbere. Muri ubu bushakashatsi CRC 2016, abaturage bagaragaje ibitekerezo ku mitangire ya serivisi z'itumanaho n'ikoranabuhanga ndetse n'uruhare bagira mu bikorwa by'itumanaho n'ikoranabuhanga. Bagaragaje ibyo bashima ndetse n'ibyo banenga.

#### Ibikorwaremezo by'itumanaho n'ikoranabuhanga

Abaturage babajijwe niba aho batuye hari ibikorwaremezo by'itumanaho n'ikoranabuhanga. Ibisubizo byabo muri rusange bikubiye mu ishusho ikurikira.

**Ishusho 50: Haba hari ibikorwaremezo by'itumanaho n'ikoranabuhanga**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko ishusho iri haruguru ibigaragaza, abashima ibikorwaremezo by'itumanaho n'ikoranabuhanga bari ku gipimo kingana na 24.4% naho abanenga bari ku gipimo kingana na 72.3%. Uyu mubare uteye inkeke kubera ko ugereranije na CRC 2013, abagaragaje ko bishimiye itumanaho n'ikoranabuhanga bari ku gipimo kingana na 34%. Ubusobanuro bwaba ko abitabira itumanaho n'ikoranabuhanga bagenda baba benshi ku buryo butajyanye n'ishyirwaho ry'ibikorwaremezo.

### 8.7. Ibyakwitabwaho mu bikorwaremezo

- Kongera no kwegereza abaturage ibikorwaremezo by'amazi, amashanyarazi, imihanda, ibikorwaremezo by'itumanaho n'ikoranabuhanga;
- Konoza imikorere y'inzego zishinzwe ibikorwaremezo;
- Guha abaturage ijambo, bakagira uruhare mu bikorwaremezo.


# 9. SERIVISI Z'UBUTAKA

Ubutaka niwo murage abanyarwanda bakomora ku gisekuru ndetse hakaba hakwiyongera ubutaka bwaguzwe cyangwa ubwatanzweho impano. Iyo serivisi z'ubutaka abaturage bahabwa zimeze neze, bigabanya imibanire mibi yaterwa n'amakimbirane akomoka ku butaka, bityo imiyoborere igatezwa imbere. Muri ubu bushakashatsi CRC 2016, abaturage babajijwe uburyo babona serivisi z'ubutaka.

## 9.1. Ibyavuye mu bushakashatsi kuri serivisi z'ubutaka muri rusange

Muri rusange, abaturage bishimiye serivisi z'ubutaka bahabwa ku gipimo kingana na 67.3% naho abanenga bari ku gipimo kingana na 19.4%. Ugereranije n'igipimo cya CRC 2015, harimo intabwe ya 3% kuko icyo gihe igipimo cyari kuri 64.9%.

**Ikarita 20: Uko abaturage bishimiye imitangire ya serivisi mu butaka**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko iyi shusho ibigaragaza, Ababajijwe mu turere icyenda bagaragaje ko bishimiye serivisi z'ubutaka ku gipimo kiri hejuru ya 75% aritwo: Gatsibo:86.5%, Kirehe:85.4%, Rulindo:79.5%, Rubavu:78.8%, Kamonyi:76.8%, Ruhango:75.7%, Ngoma:75.4%, Burera:75.3%, Nyamagabe:75.2% Muri utwo turere hiyongeraho Gakenke bashima ku gipimo cya 74.0% tukaba uturere icumi tuza ku isonga mu kwishimira serivisi bahabwa mu butaka. Mu turere dutatu (Rusizi, Nyaruguru na Nyagatare) ababajijwe bashima serivisi z'ubutaka ku kigero kiri hasi ya 50%.

## 9.2. Ibyavuye mu bushakashatsi kuri serivisi z'ubutaka hakurikijwe intara

Hakurikijwe intara, Umujyi wa Kigali n'intara y'Iburengerazuba niho abaturage bagaragaje ko bishimiye serivisi z'ubutaka bahabwa ku gipimo kiri munsi ya 60% nk'uko bigaragara ku ishusho ikurikira.

**Ishusho 51: Uko abaturage bishimiye serivisi z'ubutaka bahabwa hakurikijwe Intara**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Ishusho iri hejuru irerekana ko abaturage b'intara y'Amajyaruguru aribo bagaragaje ari benshi ko bishimiye serivisi bahabwa mu butaka ku gipimo cya 73.4%, naho intara y'Iburengerazuba niho abaturage bagaragaje ari benshi ko banenga serivsi z'ubutaka bahabwa ku gipimo kingana na 26.9%. Serivisi ziracyafite imbogamizi mu mitangire cyane nko mu mujyi wa Kigali no mu ntara y'Iburengerazuba.

### 9.3. Serivisi z'ubutaka zakoreweho ubushakashatsi

Mu bushakashatsi bwakozwe, abaturage bagaragaje ibitekerezo byabo kuri serivisi z'ubutaka bahabwa. Bavuze ku byerekeye gutanga ibyangombwa by'ubutaka, guhererekanya uburenganzira ku butaka, serivisi za noteri w'ubutaka, inyishyu ku butaka bwakoreshejwe ku bikorwa by'inyungu rusange, gutanga icyangombwa cyo gusana, gutanga icyangombwa cyo kubaka no gukora ubukangurambaga ku mategeko y'ubutaka. Bagaragaje ibyo bashima ndetse n'ibyo banenga nk'uko bigaragara ku ishusho ikurikira.

Ishusho 52: Uko abaturage bishimiye serivisi z'ubutaka zinyuranye zakoreweho ubushakashatsi




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Abaturage bagaragaje ko bishimiye serivisi bahabwa mu gutanga ibyangombwa by'ubutaka ku gipimo kingana na 79.2%, serivisi za noteri w'ubutaka ku gipimo kingana na 71.9%, guhererekanya uburenganzira k'ubutaka ku gipimo kingana na 71.6%, gukora ubukangurambaga ku mategeko y'ubutaka ku gipimo kingana na 71.1% naho gutanga inyishyu ku butaka bwakoreshejwe ku bikorwa by'inyungu rusange, abaturage benshi ntibabyishimiye kuko bagaragaje ko babyishimiye ku gipimo kingana na 43.7%. Biragaragara ko hari ahakiri ibibazo by'inyishyu ku butaka bikaba bikeneye kunozwa kuko itegeko ribitegana rihari ikibazo kikaba ari uko ridakurikizwa uko bikwiye.

### 9.4. Ibyakwitabwaho muri serivisi z'ubutaka

- Kunoza serivisi zo gutanga inyishyu ku butaka bwakoreshejwe ku bikorwa by'inyungu rusange;
- Gukora ubukangurambaga ku mategeko y'ubutaka;
- Kunoza serivisi zo gutanga ibyangombwa ku butaka;
- Kunoza serivisi zo guhererekanya uburenganzira ku butaka;
- Intara y'Uburengerazuba n'Umujyi wa Kigali kongera imbaraga mu kunoza serivisi zirebana n'iby'ubutaka.


# 10. IYUBAHIRIZWA RY'AMAHAME Y'IMIYOBORERE

Amahame y'imiyoborere n'uko yubahirizwa ni indorerwamo y'ubuyobozi bukorera abaturage kandi biyumvamo. Muri ubu bushakashatsi CRC 2016, abaturage bagaragaje ibitekerezo byabo ku iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere, icyizere bafitiye inzego z'ubuyobozi, imikorere y'inzego mu guteza imbere imiyoborere myiza n'imibanire y'abanyarwanda, ubwigenge bw'inzego z'imiyoborere, gahunda ya "Ndi umunyarwanda" n'ibijyanye n'uko bagezwaho amakuru.

## 10.1. Ibyavuye mu bushakashatsi ku iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere muri rusange

Ubushakashatsi bwakozwe bwerekanye ko muri rusange abaturage bishimiye iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi ku gipimo kingana na 89.1%, naho abanenga bari ku gipimo kingana na 9.0%. Iki gipimo kijya kungana n'icyo muri CRC 2015 aho cyari kuri89.4%.

**Ishusho 53: Uko abaturage babona imiyoborere muri rusange**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Muri rusange, uturere twose turi ku gipimo kirenga 75%. Uturere icumi tuza ku isonga ry'abashima ni Kirehe:97.3%, Rubavu:97.1%, Rulindo:95.3%, Nyamagabe:95.2%, Gasabo:94.9%, Kicukiro:94.8%, Bugesera:94.3%, Gatsibo:93.7%, Kamonyi:92.5% na Ngororero:92.3%. Iyi mibare iragaragaza ko abaturage bashima uko bayobowe bikaba byakoroha gufatanya mu bikorwa biteza imbere imiyoborere myiza.

## 10.2. Ibyavuye mu bushakashatsi ku iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere hakurikijwe intara.

Ku rwego rw'intara, abaturage bagaragaje ko bishimiye serivisi bahabwa mu miyoborere ku gipimo kiri hajuru ya 85% , bikaba bigaragazwa n'ishusho ikurikira.

**Ishusho 54: Uko abaturage bishimiye iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere hakurkijwe Intara**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Ishusho iri hejuru irerekana ko mu mujyi wa Kigali ariho abaturage bagaragaje ko bishimiye iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere ku gipimo kiri hejuru kingana na 93.3%, igipimo cyo hasi ni 86.5% kikaboneka mu ntara y'Amajyaruguru. Mu ntara z'Amajyaruguru n'Iburengerazuba, niho hashobora kuba hari utubazo duke mu miyoborere, kuko abanenga barenga ho gato 10%.

## 10.3. Uko abaturage babona iyubahirizwa ry'amwe mu mahame y'imiyoborere.

Mu bushakashatsi bwakozwe muri CRC 2016, abaturage bagaragaje ibitekerezo byabo ku iyubahirizwa ry'amwe mu mahame y'imiyoborere nko kurwanya ruswa, kubahiriza uburenganzira bwa muntu, kubahiriza demokarasi, amatora akozwe mu ibanga, kutagongana kw'inzego eshatu z'ubutegetsi, kubahiriza ihame ry'uburinganire, kubahiriza politiki y'amashyaka menshi, gusaranganya ubutegetsi, ubwisanzure mu bitekerezo no kwimakaza ubunyarwanda. Berekanye ibyo bashima ndetse n'ibyo banenga nk'uko bigaragazwa n'ishusho ikurikira.

**Ishusho 55: Uko abaturage bishimiye iyubahirizwa ry'amwe mu mahame y'imiyoborere**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko bigaragara ku ishusho iri hejuru, uretse kutagongana kw'inzego eshatu z'ubutegetsi abaturage bagaragaje ko bashima ku gipimo kingana na 64.6% naho abatabizi bakaba ari 28.9% no kubahiriza politiki y'amashyaka menshi bashima ku kigero cya 66.0% naho abatabizi bakaba bari ku gipimo kingana na 21.6%, ku yandi mahame y'imiyoborere bagaragaje ko bishimye ku gipimo kirenga 80%. Aho abaturage banenze ku gipimo kiri hejuru ya 10% ni ukurwanya ruswa (17.5%) no kubahiriza politiki y'amashyaka menshi (12.5%).

### 10.4. Uko abaturage bishimiye gahunda ya"Ndi Umunyarwanda".

Ubushakashatsi bwagaragaje uko abaturage bishimiye gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" nk'uko bigaragara ku ishusho ikurikira.

**Ishusho 56 : Uko abaturage bishimiye gahunda ya "Ndi Umunyarwanda".**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Ishusho irerekana ko abaturage bishimiye gahunda ya “Ndi Umunyarwanda” n’ishyirwa mu bikorwa ryayo ku gipimo kingana na 95.3%. Bigaraza ko yaje ikenewe.

### 10.5. Imikorere y’inzego za Leta mu guteza imbere imibanire y’abanyarwanda

Ubushakashatsi CRC 2016 bwagaragaje icyo abaturage bavuga ku mikorere y’inzego zinyuranye mu guteza imbere imiyoborere myiza n’imibanire y’abanyarwanda. Ibyavuye mu bushakashatsi bigaragara mu ishusho ikurikira.

**Ishusho 57: Uko abaturage bashima imikorere y’inzego mu mibanire y’abanyarwanda**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk’uko bigaragara ku ishusho iri hejuru, abaturage bagaragaje ko amadini agira uruhare mu guteza imbere imibanire y’abanyarwanda ku gipimo kingana na 90.4%, itangazamakuru, amashyirahamwe n’amakoperative biteza imbere imibanire y’abanyarwanda ku gipimo kingana na 89.5% naho inzego z’ibanze abavuze ko ziteza imbere imibanire y’abanyarwanda bari ku gipimo kingana na 89.3%. Ku ruhande rw’abanenga, imitwe ya politiki n’inzego z’ibanze byanenzwe ku gipimo kirenze cyangwa cyegereye 10% (10.6% ku mitwe ya politiki na 9.9 ku nzego z’ibanze). Hari n’inzego abaturage bagaragaje ko batazi uruhare rwazo mu mibanire y’Abanyarwanda ku gipimo kiri hejuru ya 20% (Kaminuza, Amashuri makuru n’Ibigo by’Ubushakashatsi 41.6%, Imiryango itari iya Leta : 31.4%, urwego rw’umuvunyi:27.0% n’imitwe ya politiki:24.3%). Izi nzego abaturage bagaragaje ko batazi cyangwa batazi uruhare rwazo zikwiriye kurushaho kwegera abaturage kuko aribo zashyiriweho.

## 10.6. Uko abaturage bishimiye uburyo babona amakuru n'aho bayakura

Mu bushakashatsi CRC 2016, abaturage bagaragaje uko uburyo babonamo amakuru muri rusange n'aho bakura amakuru. Ibyavuye mu bushakashatsi bigaragra ku ishusho ikurikira.

**Ishusho 58: Uko abaturage bishimiye uburyo babona amakuru n'aho bayakura**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko bigaragara ku ishusho iri hejuru, abaturage bishimiye uburyo babonamo amakuru ku gipimo kingana na 61.1%, naho abanenga bari ku gipimo kingana na 38.4%. Bagaragaje kandi ko bakura amakuru muri rusange mu nteko z'abaturage ku gipimo kingana na 91.5%, kuri Radiyo ku gipimo kingana na 82.4%, kuri telefoni ku gipimo kingana na 43.9%. Abagaragaje ko bakura amakuru interineti bari ku gipimo kingana na 10.5%. Biragaragara ko hakenewe gushyirwamo ingufu ngo interineti isakare henshi cyane cyane mu cyaro.

## 10.7. Ibikwiye kwitabwaho muri gahunda y'imiyoborere myiza n'imibanire y'abanyarwanda

- Gukora ubukangurambaga n'ubujyanama ku nzego z'imiyoborere abaturage badasobanukiwe neza imikorere yazo;
- Kaminuza, imiryango itari iya Leta, imitwe ya Politiki, kurushaho kugira uruhare mu gutsura imibanire n'ubumwe by'Abanyarwanda;
- Kongera imbaraga mu kurwanya ruswa cyane cyane ikora ku baturage na gahunda zibagenewe by'umwihariko;
- Gukomeza gusobanurira abaturage ibijyanye na politiki ishingiye ku bwumvikane n'uko ikorwa;
- Kunoza intangwa ry'amakuru ku baturage.


## 11. SERIVISI Z'UMUTEKANO

Umutekano niyo nkingi y'imiyoborere myiza n'iterambere. Muri ubu bushakashatsi, abaturage bagaragaje ibitekerezo byabo ku byerekeranye n'umutekano. Bavuze ku bijyanye n'icyizere bafitiye inzego z'umutekano, uko bishimiye umutekano w'aho batuye ndetse n'uko babona ibikorwa by'ingabo z'igihugu mu cyumweru cyahariwe ingabo. Bagaragaje ibyo bashima ndetse n'ibyo banenga.

### 11.1. Ibyavuye mu bushakashatsi ku mutekano muri rusange

Ubushakashatsi bwagaragaje ko muri rusange abaturage bishimiye umutekano ku gipimo kingana na 90.0% naho abanenga bari ku gipimo kingana na 7.4%.

**Ishusho 59: Uko abaturage bishimiye serivisi z'umutekano muri rusange**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Muri rusange, mu turere twose abaturage bishimiye umutekano ku gipimo kiri hejuru ya 80%. Uturere icumi tuza mbere mu kwishimira umutekano ni Burera:96.4%, Kirehe:96.3%, Karongi:95.7%, Rutsiro:95.3%, Gicumbi:93.3%, Rulindo:93.1%, Gakenke:92.9%, Rwamagana:92.9%, Ruhango:92.8% na Kayonza:92.6%. Iki gipimo ni icyo kwishimira kandi abaturage bakomeza gusigasira umutekano bawugiramo uruhare mu kuwirindira.

### 11.2. Ibyavuye mu bushakashatsi ku mutekano hakurikijwe intara

Mu ntara zose, abaturage bagaragaje ko bishimiye serivisi bahabwa z'umutekano ku gipimo kiri hejuru ya 80% nk'uko bigaragazwa n'ishusho ikurikira.

**Ishusho 60: Uko abaturage bishimiye serivisi z'umutekano hakurikijwe Intara**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko bigaragara ku ishusho iri hejuru, abaturage bo mu ntara y'Amajyaruguru nibo bagaragaje ari benshi ko bishimiye serivisi z'umutekano bahabwa ku gipimo kingana na 93.3%. Abaturage b'umujyi wa Kigali nibo bagaragaje ari bake kurusha abandi ko bishimiye serivisi z'umutekano bahabwa ku gipimo kingana na 82.5% ni nabo kandi bagaragaje ko banenga serivisi bahabwa mu mutekano ku gipimo kingana na 13.3%. Inzego zitanga serivisi z'umutekano zikwiriye gukora ibishoboka kugira ngo abaturage b'Umujyi wa Kigali bake bazinenga, naziyumvemo maze bose bagende umujyo umwe w'abashima.

### 11.3. Icyizere abaturage bafitiye inzego z'umutekano

Mu bushakashatsi bwakozwe, abaturage bagaragaje icyizere bafitiye inzego z'umutekano arizo Ingabo z'igihugu, Polisi y'igihugu, DASSO n'inkeragutabara. Ibyavuye mu bushakashatsi bigaragazwa n'ishusho ikurikira.

**Ishusho 61: Icyizere abaturage bafitiye inzego z'umutekano**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko bigaragzwa n'ishusho iri hejuru, abaturage bagaragaje ko bishimiye cyane umutekano rusange w'igihugu ku gipimo kingana na 99.0%, Polisi y'igihugu ku gipimo kingana na 97.4%, DASSO ku gipimo kingana na 86.1% n'Inkeragutabara ku gipimo kingana na 76.6%. Biragaragara ko abaturage bishimiye serivisi z'umutekano bahabwa n'ubwo hari bake banenga imikorere y'Inkeragutabara na DASSO. Ibi biterwa n'uko izi nzego arizo zegereye abaturage akaba aribo bajya bagirana utubazo, ikindi ni uko izi nzego zitaramara igihe kirekire zikorana n'abaturage.

### 11.4. Uko abaturage babona umutekano rusange

Abaturage bakoreweho ubushakashatsi bagaragaje uburyo bumva bishimiye umutekano rusange w'igihugu, umutekano w'abantu, umutekano w'ibintu n'umutekano ku mipaka no mu karere u Rwanda rubarizwamo. Ibyavuye mu bushakashatsi bigaragara ku ishusho ikurikira.

**Ishusho 62: Uko abaturage babona umutekano rusange**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko bigaragzwa n'ishusho iri hejuru, abaturage bagaragaje ko bishimiye cyane umutekano rusange w'igihugu ku gipimo kingana na 98.9%, umutekano w'abantu ku gipimo kingana na 95.3%, umutekano ku mipaka no mu karere u Rwanda rubarizwamo ku gipimo na 85.4% naho umutekano w'ibintu ku gipimo kingana na 81.3%. Muri rusange abaturage bishimiye cyane umutekano, w'igihugu, n'uw'abantu banenga ho gake umutekano w'ibintu, hari n'abavuze ko batazi iby'umtekano ku mipaka no mu karere u Rwanda ruherereyemo.

### 11.5. Ibikorwa by'ingabo z'igihugu mu cyumweru cyahariwe ingabo

Abaturage bagaragaje ibitekerezo byabo ku kamaro k'ibikorwa by'ingabo z'igihugu mu cyumweru cyahariwe ingabo. Ibitekerezo bagaragaje bikubiye mu ishusho ikurikira.

**Ishusho 63: Ibikorwa by'ingabo z'igihugu mu cyumweru cyahariwe ingabo**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko bigaragazwa n'ishusho iri hejuru, abaturage bishimiye ibikorwa byose by'ingabo z'igihugu mu cyumweru cyahariwe ingabo ku gipimo kiri hejuru ya 80%. Abagaragaje ko batabizi bari ku gipimo kirengaho gato 10% naho abanenga bo bari ku gipimo kiri hagati ya 6% na 3%. Mu biganiro byo mu matsinda bagaragaje ko aho banenga ari aho ibyo bikorwa bitagera. Birakwiye ko ibi bikorwa byahariwe icyumweru cy'ingabo byagera hose kuko bifitiye abaturage akamaro.

**11.6. Ibikwiye kwitabwaho muri serivisi z'umutekano**

- Kunoza imikorere y'inkeragutabara na DASSO no kubongerera ubushobozi;
- Kurushaho kwita ku mutekano w'ibintu;
- Kugeza kuri benshi ibikorwa by'ingabo z'igihugu mu cyumweru cyahariwe ingabo.


# 12. UMUDENDEZO W'ABATURAGE N'IBIBAZO BY'IHOHOTERWA

Umudendezo w'abaturage ni ngombwa kugira ngo imiyoborere irusheho kunogera abayobora n'abayoborwa. Ibibazo by'hohoterwa bishobora kubuza umudendezo w'abaturage bikazana igitotsi mu miyoborere myiza. Muri ubu bushakashatsi CRC 2016, abaturage bagaragaje uko babona ibibazo bijyanye n'ihungabana ry'umudendezo w'abaturage n'ihohoterwa, harimo n'irishingiye ku gitsina.

## 12.1. Ibyavuye mu bushakashatsi k'mudendezo w'abaturage n'ibibazo by'ihohoterwa muri rusange

Mu bushakashatsi CRC 2016, abaturage batanze ibitekerezo byabo ku ihohoterwa. Bavuze ku bijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'ibindi bijyanye na ryo nko gufata ku ngufu, ihohoterwa rishingiye ku mutungo, gukubita no gukomeretsa no guhoza ku nkeke. Banabajijwe uko babona ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa abagore, abagabo n'abana. Bavuze ibyo bashima n'ibyo banenga.

**Ikarita 21: Uko abaturage babona umudendezo wabo n'ibibazo by'ihohoterwa muri rusange**





*Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016*

Muri rusange, abaturage bagaragaje ko nta hohoterwa rigaragara ku gipimo kingana na 87.3%. Ku rwego rw'igihugu, Uretse abaturage b'akarere ka Nyabihu, ahandi abaturage bagaragaje ko nta hohoterwa rihari ku gipimo kiri hejuru ya 75% mu turere 28 dusigaye. Uturere icumi tuza ku isonga ry'abashima ni: Rulindo:95.7%, Gakenke:94.8%, Nyamasheke:94.7%, Karongi:94.1%, Rubavu:94.0%, Rusizi:93.7%, Kirehe:93.7%, Rutsiro:90.9%, Nyanza:90.4% na Gisagara:90.2%. Birakwiye kurushaho kongera imbaraga mu kurwanya ibibazo by'ihohoterwa.

### 12.2. Ibyavuye mu bushakashatsi k'umudendezo w'abaturage n'ibibazo by'ihohoterwa hakurikijwe intara

Hakurikijwe intara, abaturage bagaragaje mu ntara zose ko bishimiye serivise zo gushyigkira umudendezo no kurwanya ihohoterwa ku gipimo kiri hejuru ya 80% nk'uko bigaragazwa n'ishusho ikurikira.

**Ishusho 64: Uko abaturage bishimiye umudendezo no kurwanya ihohoterwa hakuriki jwe intara**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko bigaragazwa n'ishusho iri hejuru, mu ntara y'Iburengerazuba niho abaturage bagaragaje ari benshi ko bishimiye serivisi bahabwa zo kubungabunga umudendezo wabo no kurwanya ihohotera ku gipimo kingana na 90.5%. Naho mu ntara y'Iburasirazuba, niho abaturage bagaragaje ari bake kurusha ahandi ko bishimiye serivisi bahabwa mu kubungabunga umudendezo wabo no kurwanya ihohoterwa ku gipimo kingana na 84.7%, bakaba ari nabo bagaragaje ari benshi ko banenga ku gipimo kingana na 14.6%. Ibibazo by'ihungabana ry'umudendezo w'abaturage n'ihohoterwa bikwiye kwitabwaho by'umwihariko mu ntara y'Iburasirazuba.

### 12.3. Uko abaturage babona ibibazo bihungabanya umudendezo wabo

Muri ubu bushakashatsi CRC 2016, abaturage bagaragaje uburyo babona ibihungabanya umudendezo wabo. Bavuze ku makimbirane mu muryango, amakimbirane ashingiye ku butaka, ubujura, gukubita no gukomeretsa, impanuka zo mu mihanda, icuruzwa ry'abantu n'ibiyobyabwenge. Uko babigaragaje bikubiye mu ishusho ikurikira.

**Ishusho 65: Uko abaturage babona ibibazo bihungabanya umudendezo wabo**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Kuri iyi shusho ¾ bagaragaza ko hari ubujura, ½ bavuga ko hari ikibazo cy'ibiyobyabwenge, Hejuru ya 2/3 bavuga ko hari amakimbirane yo mu miryango ndetse n'ashingiye ku butaka Naho abajya kwegera ½ bavuga ko hari ikibazo cyo gukubita no gukomeretsa. Ibi birerekana ko umudendezo w'abaturage ugifite imbogamizi zikwiye gukurwaho. Ingamba zikwiriye gufatwa ngo hahashywe ubujura, amakimbirane yo mu miryango n'ikwirakwizwa ry'ibiyobyabwenge.

### 12.4. Ubwiganze bw'ibibazo by'ihohoterwa bitandukanye

Muri ubu bushakashatsi, abaturage bagaragaje uko babona bimwe mu bibazo by'ihohoterwa. Bavuze ku bijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina muri rusange hamwe n'ibikorwa birishamikiyeho aribyo gufata ku ngufu, ihohoterwa rishingiye ku mutungo, gukubita no gukomeretsa no guhoza ku nkeke. Uko babigaragaje bikubiye mu ishusho ikurikira.

**Ishusho 66: Uko abaturage babona ibikorwa bijyanye n'ihohoterwa**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Abaturage babajijwe bagaragaje ko gukubita no gukomeretsa bihari ku gipimo kingana na 37.2%, ihohoterwa rishingiye ku mutungo rihari ku gipimo kingana na 34.8%, guhoza ku nkeke bihari ku gipimo kingana na 33.8% naho ihohoterwa rishingiye ku gitsina rihari ku gipimo kingana na 25.5%. Ibi byerekana ko n'ubwo ibizo by'ihohoterwa bikiri bike, ariko birahari ku buryo hakwiye kujyaho ingamba zihamye zo kurirwanya.

**12.5. Ibikwiye kwitabwaho**

- Kongera imbaraga mu kurwanya ibiyobyabwenge n'urugomo;
- Gufata ingamba zihamye zo gukumira no gukemura amakimbirane yo mu miryango n'ashingiye ku butaka;
- Kurushaho kurwanya no gukumira ikibazo cy'ubujura kibangamiye abaturage;
- Kongera imbaraga mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina cyane cyane irishingiye ku mitungo.


## 13. URUHARE ABATURAGE BAGIRA MU BIBAKORERWA

Kugira ngo imiyoborere inogere abaturage, ni ngombwa ko bagira uruhare mu bibakorerwa, bityo ntihabeho kwitana ba mwana ngo abategetsi basabye ko. Muri ubu bushakashatsi CRC 2016, abaturage bagaragaje uruhare bumva bagira mu bibakorerwa.

### 13.1. Ibyavuye mu bushakashatsi k'uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa muri ru sange

Muri rusange, abaturage bagaragaje ko bishimiye uruhare bagira mu bibakorerwa ku gipimo kingana na 58.9%, naho abanenga uruhare bagira mu bibakorerwa bari ku gipimo kingana na 33.8%.Hari intambwe yatewe ugereranyije n'ibipimo bya CRC2015 aho abashima bari 51.0% naho abanenga bakaba bari 41.3%.

**Ikarita 22: Uko abaturage bishimiye uruhare bagira mu bibakorerwa muri rusange**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Ishusho iri hejuru iragaragaza ko uturere tubiri (Gasabo na Rubavu) ariho abaturage bishimira uruhare rwabo mu bibakorerwa ku gipimo kiri hejuru ya 75%. Ku rwego rw'igihugu, uturere icumi tuza imbere mu bashima ari Gatsibo:79.5%, Rubavu:75.7%, Rulindo:74.1%, Kamonyi:71.5%, Ngororero:69.9%, Musanze:67.2%, Gicumbi:67.2%, Karongi:65.7%, Kayonza:65.7% na Muhanga:64.8%. Uturere tw'umujyi wa Kigali na Rusizi abaturage bagaragaje ko batishimira uruhare rwabo mu bibakorerwa. Hakwiye gukomeza gushyira imbaraga mu kuzamura uruhare rw'abaturage.

### 13.2. Ibyavuye mu bushakashatsi k'uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa hakurikijwe igitsina

Ubushakashatsi bwakozwe muri CRC 2016, bwagaragaje uko abaturage bishimira uruhare bagira hakurikijwe igitsina. Ibyavuye mu bushakashatsi bikubiye mu ishusho ikurikira.

**Ishusho 67: Uko abaturage bishimira uruhare bagira hakurikijwe igitsina**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Nk'uko bigaragara ku ishusho iri hejuru, ukurikije ibitsina, abagore n'abagabo bishimiye ku buryo bujya kungana uruhare bagira mu bibakorerwa. Uretse ko n'ubusanzwe umubare w'abagore uruta uw'abagabo, ni nayo mpamvu uri hejuru haba mu bavuga ko batagira uruhare, mu barugira no bataragize icyo batangaza.

### 13.3. Ibyavuye mu bushakashatsi k'uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa hakurikijwe intara

Mu rwego rw'intara, abaturage bagaragaje ko bagira uruhare mu bibakorerwa ku gipmo kijya kwegera 60%, ndetse mu mujyi wa Kigali bari ku gipimo kiri munsi ya 50% nk'uko bigaragazwa n'ishusho ikurikira.

**Ishusho 68: Uko abaturage bishimiye uruhare bagira mu bibakorerwa hakurikijwe Intara**





***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Ishusho iri hejuru iragaragazo ko mu ntara y'Amajyaruguru ariho abaturage bagaragaje ari benshi ko bagira uruhare mu bibakorerwa ku gipimo kingana na 64.2%, bagakurikirwa n'intara y'Iburasirazuba aho abaturage bagaragaje ko bishimiye uruhare bagira mu bibakorerwa ku gipimo kingana na 60.0%. Ku ruhare rw'abanenga, mu ntara zose, abatrurage bagaragaje ko banenga uruhare bagira mu bibakorerwa ku gipimo kiri hejuru ya 30%. Ibi byerekana ko n'ubwo ingamba zashyizweho ngo abaturage bagire uruhare mu bibakorerwa batarumva uruhare rwabo. Hakwiye gushyirwaho ingamba zinoze zituma abaturage bibona mu bibakorerwa.

**Uko abaturage bishimiye uruhare bagira mu itegurwa ry'igenamigambi ry'ibikorwa by'akarere**

Abaturage bagaragaje muri rusange ko bishimiye uruhare bagira mu itegurwa ry'igenamigambi ry'ibikorwa by'akarere ku gipimo kingana na 25.6% naho abanenga bari ku kigero kingana na 52.6%.

**Ikarita 23: Uko abaturage bishimiye uruhare bagira mu itegurwa ry'igenamigambi ry'ibikorwa by'akarere**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***


Ku rwego rw'igihugu, uturere icumi tuza imbere mu bashima harimo, Rulindo:51. 7%,Gatsibo:50.9%,Gakenke:46.1%,Musanze:41.5%,Nyagatare:37.1%,Rubavu:35.2, Ruhango:33.0%,Rwamagana:30.9%, Kayonza:30.8% na Nyanza:29.9%. Utundi turere icumi tuza inyuma harimo, icumbi:21.9%, Nyarugenge:18, Nyaruguru:16.5%,Huye:15.4%,Kicukiro: 14.5%,Nyamasheke:13.%,Muhanga:11.5%,Rutsiro:6.4%, Rusizi:3.6%, na Karongi:2.6%.

Abaturage benshi ntibishimiye uruhare bagira mu itegurwa ry'igenamigambi ry'ibikorwa by'akarere kandi aribo bagenerwabikorwa. N'ubwo njyanama zashyiriweho ngo abaturage bageze hejuru ibitekerezo byabo, hakwiye gukorwa ibishoboka byose ngo imikoranire inozwe maze abaturage bibone mu igenamigambi ry'akarere.

**Uko abaturage bishimiye uruhare rwabo mu gutegura ingengo y'imari y'akarere**

Muri rusange abaturage bishimiye uruhare bagira mu gutegura ingengo y'imari y'akarere ku gipimo kingana na 23.1% naho abanenga bari ku gipimo kingana na 54.1%.

**Ikarita 24: Uko abaturage bishimiye uruhare bagira mu gutegura ingengo y'imari y'Akarere**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***


Uturere icumi tuza imbere mu bashima harimo, Gatsibo:49.8%, Musanze:39.7%, Rulindo:38.7%, Nyagatare:37.7%, Rubavu:36.8%, Nyanza:31.6%, Nyabihu:29.5%, Kayonza:28.6%, Ruhango:27.6% na Kirehe:27.5%. Naho utuza inyuma Harimo, Ngororero:1 9.4%,Nyaruguru:14.3%, Kicukiro:13.9%, Nyamasheke:13.3%, Huye:12.5%, Muhanga:10.3%, Nyarugenge:7.0%, Rusizi:5.2%, Karongi:4.9%, Rutsiro:4.3%.

Uruhare rw'abaturage mu itegurwa ry'ingengo y'imari y'akarere, biragaragara ko ruri hasi cyane. Ibi birashimangira imikorere ya njyanama, kuko arirwo rwego umuturage yagombye kwiyumvamo uruhare agira mu itegurwa ry'ingengo y'imari. Hakwiye kunozwa uburyo bwashyizweho bwo kugira ngo abajyanama bageze ku baturage ibyo baba baganiriye birebana no gutegura ingengo y'imari kugira ngo bayigire iyabo.

### Uko abaturage bishimiye uruhare bagira mu gutegura imihigo y'Akarere

Muri rusange abaturage bishimiye uruhare bagira mu gutegura imihigo y'akarere ku gipimo kingana na 41.1%, naho abanenga bari ku gipimo kingana na 45.5%.

**Ikarita 25: Uko abaturage bishimiye uruhare bagira mu gutegura imihigo y'Akarere**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***


Mu gihugu hose, uturere icumi tuza imbere mu bashima harimo, Rulindo:64.3%, Gatsibo:63.6%, Ngororero:62.6%, Gakenke:61.7%, Kayonza:56.1%, Kamonyi:52.8%, Rwamagana:52.4%, Musanze:48.2%, Nyagatare:47.7% na Gisagara:46.7%. Naho icumi tuza inyuma hari, Kirehe:34.2%, Ruhango:33.0%, Rutsiro:32.5%, Burera:32.5%, Muhanga:32.4%, Bugesera:31.2%, Gasabo:27.9%, Rusizi:24.3%, Kicukiro:19.7%, na Nyarugenge:18.0%.

Biragaragara ko abaturage bataribona mu itegurwa ry'imihigo y'akarere. Ibi birerekana ko abaturage bafite inyota yo kugira uruhare mu itegurwa ry'imihigo y'akarere. Birasaba kongera ingufu ngo abaturage bagire uruhare mu gutegura imihigo y'akarere kuko aribo ba nyir'ibikorwa.

### Uko abaturage bishimiye uruhare bagira mu gusaba abayobozi kubagaragariza ibibakorerwa

Muri rusange abaturage bagaragaje ko bishimiye uruhare bagira mu kubaza abayobozi kubagaragariza ibibakorerwa ku gipimo kingana na 64.2% naho abanenga bari ku gipimo kingana na 32.7%.

**Ikarita 26: Uko abaturage bishimiye uruhare bagira mu gusaba abayobozi kubagaragariza ibibakorerwa**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***


Mu rwego rw'igihugu, uturere icumi tuza imbere mu bashima harimo, Gatsibo:87.8%, Rubavu:86.7%, Karongi:86.7%, Kamonyi:85.3%, Gicumbi:81.7%, Musanze:77.4%, Muhanga:72.7%, Kayonza:71.1%, Ngororero:70.4% na Rulindo:69.3%. Naho icumi tuza inyuma harimo, Gasabo:55.5%, Kicukiro:53.9%, Ruhango:53.9%, Bugesera:52.5%, Nyamasheke:51.9%, Nyarugenge:51.0%, Nyaruguru:50.8%, Kirehe:50.6%, Ngoma:45.2%, na Rusizi:33.6%.

Umuco wo kugira ngo abayobozi bagaragarize abaturage ibibakorerwa ntabwo uracengera neza, ariko intambwe imaze kugerwaho ni iyo kwishimirwa. Ibi bikaba bikunze gukorwa mu gihe cy'ukwezi kw'imiyoborere, mu nteko z'abaturage bikwiye gukomeza gushyirwamo ingufu.

**Uko abaturage bishimiye uruhare bagira mu gushyira abaturage mu byiciro by'ubudehe**

Muri rusange abaturage bishimiye uruhare bagira mu gushyira abaturage mu byiciro by'ubudehe ku gipimo kingana na 59.9% naho abanenga bari ku gipimo kingana na 37.5%.

**Ikarita 27: Uko abaturage bishimiye uruhare bagira mu gushyira abaturage mu byiciro by’ubudehe**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***


Uturere icumi tuza imbere mu bashima ni Rubavu:89.1%, Gatsibo:85.3%, Gicumbi:82.1%, Ngororero:77.4%, Kamonyi:76.9%, Karongi:76.2%, Rulindo:71.3%, Kayonza:69.4%, Nyagatare:68.3%, na Musanze:67.2%. Naho icumi tuza inyuma hari Nyabihu:50.2%, Kicukiro:48.5%, Huye:48.1%, Nyamasheke:47.9%,Gasabo:45.2, Nyarugenge:42.7%,Nyaruguru:40%, Gisagara:40.6%,Nyamagabe:40.6%, na Rusizi:32.4%.

Ibyiciro by’ubudehe byateje ibibazo kubera inkurikizi bijya bigira nko gutanga amafaranga y’ubwisungane mu kwivuza hakurikijwe ibyiciro by’ubudehe, kubona inguzanyo y’ishuri hakurikijwe ibyiciro by’ubudehe. Niyo mpamvu hamwe na hamwe abaturage barwanira kujya mu byiciro byo hasi, n’abayobozi bakarwanira kugira abaturage bake mu byiciro byo hasi. Hakwiye kubaho ingamba zinoze zituma abaturage n’abayobozi bahuriza ku byiciro, maze abatemera ibyiciro bashyizwemo bakumva icyabiteye, bityo bakishimira icyiciro bakwiye kujyamo.

**Uko abaturage bagira uruhare mu guhitamo abagenerwabikorwa ba VUP**

Muri rusange abaturage bagaragaje ko bishimiye uruhare bagira mu guhitamo abagenerwabikorwa ba VUP ku gipimo kingana na 58.3%, naho abanenga bari ku gipimo kingana na 32.4%

**Ikarita 28: Uko abaturage bagira uruhare mu guhitamo abagenerwabikorwa ba VUP**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***


Mu gihugu hose, uturere icumi tuza imbere mu bashima ni Gatsibo:87.1%, Rubavu:83.8%, Gicumbi:77.1%, Ngororero:75.4%, Karongi:74.2%, Burera:73.9%, Kamonyi:73.6%, Rulindo:72.0%, Muhanga:70.9% na Nyagatare:70.2%.Naho icumi tuza inyuma hari Nyamasheke:51.4%, Nyamagabe:50.6%, Bugesera:50.4%, Nyaruguru:49.5%, Gisagara:47.0%, Huye:38.3%, Rusizi:36.4%, Nyarugenge:29.7%, Gasabo:29.2% na Kicukiro:25.8%.

Imicungire y'inkunga ya VUP yakunze kuvugwaho byinshi cyane ikimenyane na ruswa mu bagenerwabikorwa, ndetse hari n'abahagaritswe barahanwa. Ibi byagiye bikemuka buhoro buhoro, ku buryo ubu hakwishimirwa intambwe igezweho ugereranije n'aho byatangiriye.

**Uko abaturage bishimira uruhare bagira mu guhitamo abagenerwabikorwa ba Girinka**

Muri rusange abaturage bagaragaje ko bishimiye uruhare bagira mu guhitamo abagenerwabikorwa ba Girinka ku gipimo kingana na 59.1%, naho abanenga bari ku gipimo kingana na 32.9%.

**Ikarita 29 : Uko abaturage bishimiye uruhare bagira mu guhitamo abagenerwabikorwa ba Girinka**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***


Uturere icumi tuza imbere mu bashima ni Gatsibo:88.0%, Gicumbi:84.3%, Rulindo:76.3%, Kamonyi:76.1%, Ngororero:74.2%, Rubavu:73.4%, Nyagatare:72.9%, Burera:71.9%, Muhanga:71.8% na Musanze:71.5%. Ku ruhande rw'abashima gake, uturere icumi tuza inyuma hari Ruhango:54.2%, Nyamagabe:54.2%, Nyaruguru:49.5%, Gisagara:47.9%, Nyamasheke:42.5%, Huye:41.2%, Rusizi:35.7%, Gasabo:29.4%, Nyarugenge:26.3%, na Kicukiro:22.7%.

Gahunda ya Girinka yagaragayemo ibibazo byinshi bijyanye no gushaka indonke nko gusaba amafaranga abagomba guhabwa inka, guha inko bene wabo, gutanga inka zitameze neza n'ibindi.Ibi byatumye abaturage batibona muri iyi gahunda, kuko uko yari iteganijwe atari ko yagenze neza. Ariko ibibazo byagiye bikemuka buhoro buhoro, ku buryo aho bigeze ubu, umuntu yakwizera ko bizakemuka burundu.

**Uko abaturage bishimiye uruhare bagira mu kubakira abatishoboye**

Muri rusange, abaturage bagaragaje ko bishimiye uruhare bagira mu kubakira abatishoboye ku gipimo kingana na 65.3% naho abanenga bari ku gipimo kingana na 28.1%.

**Ikarita 30 : Uko abaturage bishimiye uruhare bagira mu kubakira abatishoboye**




***Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2016***

Urebye uturere twose, urasanga icumi tuza imbere mu bashima ari Rubavu:91.2%, Gatsibo:88.4%, Gicumbi:84.0%, Ngororero:83.5%, Rulindo:82.3%, Kamonyi:80.3%, Musanze:77.2%, Muhanga:75.5%, Karongi:74.8% na Nyagatare:73.5%. Urebye uturere icumi tuza inyuma hari Kirehe:58.9%, Huye:58.6%, Gakenke:56.4%, Bugesera:55.2%, Ruhango:53.6%, Nyamasheke:50.9%, Rusizi:44.5%, Kicukiro:40.9%, Gasabo:40.2% na Nyarugenge:36.0%.

Kubakira abatishoboye ni igikorwa abaturage bagiramo uruhare rugaragara kuko bacyumvikanaho, akenshi nyuma y'umuganda, hanyuma buri muturage akemera icyo ashoboye kugira ngo barebe uko bakubakira abatishoboye bahereye ku babikeneye kurusha abandi.

### 13.4. Ibikwiye kwitabwaho ku ruhare rw'abaturage mu bibakorerwa

- Kumenyesha abaturage uruhare bagira mu bibakorerwa ku buryo buziguye (Binyuze muri njyanama);
- Urwego rwa njyanama rukwiye kurushaho kwegera abaturage bakabasobanurira uruhare rwabo;
- Gukora ubukangurambaga ngo abaturage bamenye uruhare bemerewe hatabaho kurengera.

## UMWANZURO

Ubushakashatsi bugaragaza ishusho y'uko abaturage bishimiye imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye, (CRC) bugamije kwerekana ishusho nyayo igaragaza uko abaturage bobona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye ndetse n'uruhare rwabo mu bibakorerwa.

Ubu bushakashatsi bwakozwe hashingiwe inkingi enye za Guverinoma. Bukaba bukubiye mu byiciro cumi na bibiri aribyo:Uburezi, ubuhinzi n'ubworozi, serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze, ubutabera, ubuzima, isuku n'isukura, imibereho myiza y'abaturage, ubutaka, ibikorwaremezo, umudendezo n'ibibazo by'ihohoterwa, iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa.

Nyuma y'isesengura ku byagaragajwe n'ubu bushakashatsi, hari zimwe muri serivisi umuntu yashima ko ziri ku gipimo gishimishije ariko kandi na none hari izindi zigaragaza intege nke bikaba bisaba ko zakwitabwaho zikanashyirwamo ingufu.

Ibyo byatuganishije ku myanzuro rusange ikurikira:

- Kunoza uburyo bwo kwegereza abaturage imbuto n'ifumbire no kubibagerezaho ku gihe;
- Kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi;
- Kwita ku isoko ry'umuzaruro w'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi;
- Kongera imbaraga mu kumenyekanisha urwego rwa Njyanama n'imikorere yarwo rukarushaho no kwegera abaturage rukabasobanurira uruhare rwabo muri gahunda zinyuranye;
- Gushyiraho uburyo bunoze bwo gukangurira abaturage kugira uruhare mu itegurwa ry' igenamigambi, ingengo y'imari ndetse n'imihigo by'Akarere;
- Gukora ubukangurambaga ku rwego rwa MAJ no ku mikorere yarwo ku baturage;
- Kunoza imicungire y'ubwisungane mu kwivuza hagendewe ku mabwiriza ya Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
- Gukora ubukangurambaga buhoraho ku isuku n'isukura muri rusange hagamijwe kuzamura imyumvire y'abaturage ikiri hasi;
- Kongera ubukangurambaga mu kwirinda no gukumira indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina n'iza karande zirimo umutima na kanseri;
- Kunoza ingamba zo gushyira abaturage mu byiciro by'ubudehe ku buryo babyibonama;
- Kunoza imicungire ya zimwe muri gahunda za Leta zo kuzamura imibereho myiza y'abaturage nk'Ubudehe, Girinka na VUP;

- Kunoza serivisi zo gutangira ku gihe ingurane ikwiye igihe babaye igikorwa cyo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange,
- Gukangurira abaturage kwitabira serivisi binyuze ku ikoranabuhanga ry'irembo,
- Gukangurira abaturage gukurikiza no gushyira mu bikorwa igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze y'ubutaka hagamijwe kwirinda ingaruka zituruka ku kudakoresha ubutaka icyo bwagenewe no kubaka binyuranije n'amategeko;
- Kurushaho gukangurira abaturage kumenya ibikubiye mu itegeko rijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gutinyuka kugaragaza aho iryo hohoterwa ryabaye n'abarikorewe;
- Kongera ubukangurambaga mu gukumira amakimbirane yo mu miryango, Kurwanya ibiyobyabwenge no gutangira amakuru ku gihe aho ibyo byagaragaye.
- Inzego zose bireba kwitabira no kugira iyazo, gahunda ya Leta yo gukorana n'imiryango itari iya Leta ndetse n'ishingiye ku myemerere mu kunoza imitunganyirize ya gahunda zigamije kuzamura abaturage (VUP, Girinka, Ubudehe n'izindi).

## IMBONERAHAMWE KU ISHUSHO Y'UKO ABATURAGE BABONA IMIYOBORERE IBABEREYE N'IMITANGIRE YA SERIVISI ZAKOZWEHO UBUSHAKASHATSI MU TURERE

| Akarere | Uburezi | Ubuhinzi | Ubworozi | Inzego z'ibanze | Ubutabera | Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere | Ubuzima | Isuku n'isukura | Imibereho myiza y'abaturage | Ibikorwaremezo | Ubutaka | Umutekano | Umudendezo n'ibibazo by'ihohoterwa (GBV) | Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa | Impuzandengo |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Gatsibo | 71.0% | 64.0% | 73.0% | 87.1% | 79.1% | 93.7% | 74.5% | 56.9% | 76.4% | 50.8% | 86.5% | 91.9% | 73.4% | 79.5% | 75.6% |
| Rubavu | 86.3% | 45.0% | 44.9% | 87.8% | 73.4% | 97.1% | 84.8% | 62.2% | 76.9% | 64.3% | 78.8% | 84.0% | 87.9% | 75.7% | 74.9% |
| Rulindo | 76.1% | 54.4% | 59.5% | 75.1% | 69.5% | 95.3% | 78.4% | 75.5% | 70.8% | 49.4% | 79.5% | 93.1% | 91.3% | 74.1% | 74.4% |
| Gakenke | 76.3% | 68.6% | 61.0% | 79.5% | 68.3% | 85.1% | 79.9% | 71.2% | 73.5% | 56.0% | 74.0% | 92.9% | 91.3% | 56.4% | 73.9% |
| Kamonyi | 78.7% | 51.5% | 77.0% | 85.6% | 70.0% | 92.5% | 77.2% | 58.6% | 69.5% | 45.7% | 76.8% | 91.8% | 79.1% | 71.5% | 73.2% |
| Kirehe | 69.8% | 58.8% | 64.7% | 75.7% | 60.3% | 97.3% | 84.1% | 56.1% | 73.7% | 46.7% | 85.4% | 96.3% | 88.3% | 51.9% | 72.1% |
| Burera | 73.8% | 62.1% | 61.1% | 76.4% | 63.7% | 91.8% | 79.7% | 52.2% | 76.7% | 56.5% | 75.3% | 96.4% | 81.0% | 56.7% | 71.7% |
| Ngoma | 76.7% | 56.0% | 53.6% | 76.0% | 69.9% | 91.9% | 76.2% | 63.0% | 66.4% | 60.2% | 75.4% | 90.9% | 81.6% | 51.5% | 70.7% |
| Muhanga | 80.7% | 47.4% | 64.1% | 83.7% | 64.4% | 91.5% | 74.0% | 49.8% | 67.7% | 55.0% | 72.3% | 85.3% | 82.5% | 64.8% | 70.2% |
| Ngororero | 69.1% | 58.1% | 59.6% | 84.8% | 67.7% | 92.3% | 78.8% | 50.8% | 73.9% | 36.2% | 63.2% | 88.4% | 86.6% | 69.9% | 70.0% |
| Rwamagana | 72.3% | 53.8% | 66.6% | 77.2% | 67.9% | 75.2% | 72.2% | 63.0% | 63.3% | 61.0% | 68.0% | 92.9% | 76.7% | 63.5% | 69.5% |
| Gicumbi | 70.5% | 55.9% | 71.9% | 78.2% | 56.6% | 75.9% | 78.0% | 52.8% | 76.3% | 50.5% | 72.4% | 93.3% | 71.9% | 67.2% | 69.4% |
| Musanze | 79.1% | 54.9% | 59.0% | 69.7% | 60.1% | 87.7% | 76.7% | 56.5% | 62.3% | 60.6% | 67.6% | 91.0% | 77.7% | 67.2% | 69.3% |
| Gisagara | 72.3% | 70.0% | 63.8% | 74.7% | 65.7% | 84.3% | 72.5% | 60.2% | 57.2% | 42.4% | 71.0% | 91.1% | 84.8% | 58.1% | 69.1% |
| Nyagatare | 68.8% | 47.1% | 70.9% | 83.9% | 70.7% | 84.1% | 70.2% | 48.9% | 75.5% | 61.8% | 56.7% | 89.9% | 74.8% | 62.7% | 69.0% |
| Kayonza | 67.5% | 43.4% | 62.0% | 78.5% | 65.1% | 90.5% | 74.5% | 59.4% | 58.5% | 46.8% | 72.1% | 92.6% | 75.1% | 65.7% | 68.0% |
| Karongi | 63.9% | 38.8% | 60.1% | 79.0% | 67.4% | 86.1% | 72.2% | 59.5% | 78.0% | 43.4% | 46.8% | 95.7% | 90.1% | 65.7% | 67.6% |
| Nyanza | 76.1% | 46.8% | 68.7% | 70.9% | 60.7% | 86.9% | 72.5% | 46.6% | 54.6% | 50.7% | 71.3% | 91.2% | 79.0% | 57.1% | 66.6% |
| Nyamasheke | 64.7% | 51.6% | 43.6% | 76.3% | 60.8% | 88.0% | 78.0% | 63.9% | 61.9% | 41.6% | 62.6% | 89.4% | 91.2% | 50.7% | 66.0% |
| Nyamagabe | 68.4% | 70.8% | 49.5% | 67.7% | 58.9% | 95.2% | 68.6% | 53.7% | 49.9% | 40.2% | 75.2% | 86.1% | 75.0% | 58.6% | 65.6% |
| Rusizi | 80.8% | 47.0% | 37.3% | 76.2% | 57.3% | 85.4% | 76.6% | 66.6% | 63.0% | 53.5% | 58.9% | 88.8% | 88.3% | 35.7% | 65.4% |
| Huye | 75.0% | 46.4% | 58.7% | 74.8% | 64.2% | 84.8% | 72.5% | 55.9% | 49.2% | 44.7% | 65.2% | 88.0% | 82.8% | 51.3% | 65.2% |
| Ruhango | 74.2% | 45.1% | 49.2% | 68.2% | 60.6% | 88.8% | 76.7% | 46.9% | 52.7% | 50.7% | 75.7% | 92.8% | 76.7% | 53.9% | 65.2% |
| Nyaruguru | 71.4% | 45.9% | 50.3% | 66.9% | 56.8% | 88.6% | 71.4% | 55.3% | 50.5% | 49.7% | 57.7% | 90.1% | 78.0% | 53.2% | 63.3% |
| Kicukiro | 74.3% | 24.0% | 45.6% | 68.4% | 56.9% | 94.8% | 69.6% | 69.0% | 33.7% | 79.1% | 47.2% | 84.1% | 83.6% | 47.1% | 62.7% |
| Nyarugenge | 81.2% | 32.7% | 48.8% | 68.8% | 49.1% | 88.7% | 71.7% | 70.6% | 39.6% | 73.7% | 49.0% | 81.1% | 74.0% | 43.6% | 62.3% |
| Gasabo | 80.2% | 21.6% | 39.6% | 66.7% | 50.8% | 94.9% | 74.9% | 67.9% | 33.2% | 65.8% | 67.8% | 82.2% | 77.7% | 49.0% | 62.3% |
| Bugesera | 69.5% | 33.9% | 36.4% | 66.5% | 53.3% | 94.3% | 66.8% | 62.1% | 58.5% | 52.5% | 60.4% | 88.3% | 73.2% | 55.0% | 62.2% |
| Rutsiro | 65.1% | 53.7% | 65.2% | 78.2% | 51.2% | 84.5% | 67.6% | 45.0% | 30.3% | 52.2% | 38.1% | 95.3% | 87.0% | 51.0% | 61.7% |
| Nyabihu | 58.0% | 47.8% | 46.7% | 70.5% | 59.4% | 82.5% | 73.4% | 55.9% | 57.0% | 42.0% | 61.3% | 88.5% | 63.7% | 55.2% | 61.6% |
| **Muri rusange** | **73.2%** | **48.4%** | **54.2%** | **75.9%** | **62.7%** | **89.1%** | **74.9%** | **58.6%** | **61.2%** | **53.1%** | **67.3%** | **90.0%** | **80.7%** | **58.9%** | **67.7%** |

Isuzuma ry'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (Citizen Report Card/CRC) rikorwa buri mwaka n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imiyoborere (RGB), rikaba rigaragaza ibyo abaturage bashima n'ibyo banenga mu mitangire ya serivisi ndetse n'ibisabwa ngo irusheho kunozwa.

Ubu bushakashatsi bukaba bwarakozwe kuri serivisi 13 zinyuranye arizo : Uburezi, ubuhinzi n'ubworozi, serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze, ubutabera, ubuzima, isuku n'isukura, imibereho myiza y'abaturage, ibikorwaremezo, ubutaka, umudendezo n'ibibazo by'ihohoterwa, iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere, umutekano ndetse n'uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa.

ISSN 2307-2431

9 772307 243008

UNDP United Nations RWANDA Unity in Diversity

RGB Rwanda Governance Board

BTC